No 21

**IJWI RIGAMIJE GUKANGURA NO KURENGERA RUBANDA NYAMWINSHI.**

KA02 1418




- **P.S.D.: Ishyaka rigamije kurwanya MRND na Habyarimana gusa**
- **Aho MINITRAPE urakurikira**
- **Bahizi Reveliyani yivuganye Mukankusi Ansila**
- **Urubanza rwa Ngeze Hassan kuri VIDEO**

BIMENSUEL INDEPENDANT
EDITEUR : GISENYI-INFO
REDACTION ET DISTRIBUTION : GISENYI-INFO
B.P. 19 GISENYI, B.P. 1312 KIGALI

*Abonnement annuel:* *Rwanda : 2400 FRW*
*Afrique : 4400 FRW*
*Europe : 5000 FRW*
*Sur cpte BCR - 14273/14 KIGALI*

KA02 1419



**EDITORIAL**

KA021419

# ITANGAZAMAKURU RIRAKOMWA MU NKOKORA



*Demokarasi iba ari nyayo mu gihe rubanda nyamwinshi ari yo ifite ubutegetsi bwo hejuru. Kugira ngo ibubone ni uko iba yarahawe ubwisanzure bwo kutaniganwa ijambo, bityo ibigenda neza ikabishima naho ibikocamye ikabyamagana. Ikarwanya akajagari n'igitugu mu butegetsi yihitiramo, yitorera abayobozi. Kuba Perezida Habyarimana yaravuze ati "nshyigikiyè kutaniganwa ijambo", ni intandaro, nk'uko byigaragaje, y'ibinyamakuru byose kandi byinshi byandikirwa mu Rwanda. Nyamara bitera kwibaza iyo ba maneko b'ubutegetsi buriho, aribwo muri iki gihe bwiyemeje gushyigikira demokarasi isanzuye, bahora baneka mu macapiro ari hirya no hino mu mugi wa Kigali, bahiga inyandiko zigaragaza amakosa y'abavandimwe babo, y'amacuti yabo... bayobora umutungo wa rubanda. Abo bantu se bakorera igihugu muri ubwo buryo hari ikindi bazakigezaho usibye kugisubiza muri bya bihe bavugaga ngo ntihica umwami hica abamutegekera? Abo nibo baroga abaturage babatoza kubatinya, agahiri n'agahinda bakazagapfana kubera ko mu buzima bwabo baniganwe ijambo.*

*Ni koko, hanze aha baravuga ngo mu Rwanda hari itangazamakuru rihuzagurika nyamara bakirengagiza ibyiza muri iki gihe gito rimaze kugeza ku Banyarwanda. Kubera ryo, ryo ryonyine, bidatinze, vuba aha rwose, muri iki gihugu benshi bazajya bavuga ngo abariye u Rwanda barwunamyeho babifashijwemo n'itangazamakuru ryari ritarahabwa rugari. Mu minsi rero iri imbere rizaba nka wa mwirongi abajura bumva uvugirizwa aho bagiye kwiba bagahindura imigambi. Kuko mu kinyarwanda ngo uwihaga gushimuta inka zavugirijwemo umwirongi yarafatwaga.*

*Ibinyamakuru biriho, bibarurwa muri za mirongo itandatu, bike muri byo, bitageze ku icumi, nibyo bimaze imyaka irenga ibiri. Mu ikubitiro nibiramuka byihase kugeza ku basomyi inkuru mvaho ibindi bisigaye bigaragaza abanyamakuru b'abanyamwuga bizabigeraho uko imyaka itashye ariko ibya rubanda byararangije kubona ababivugira. Gutegereza abanyamakuru bahagije kandi babyigiye byazatuma umutungo muke igihugu gisigaranye ukendera. Mu by'ukuri birasobanutse neza ko guhera k'ubusabusa biruta gutangirira kuri zero. Kuri uwo murongo w'ibitekerezo, hagomba ubutegetsi bukora neza bwiyegereza itangazamakuru, atari ukugira ngo burigire igikoresho cyabwo ahubwo bukaryiyegereza mu rwego rwo kugira ngo burusheho kwivugurura mu buryo bunogeye abaturage. Nta gihugu na kimwe ku isi cyacakiye demokarasi bwisanzure kubera ko ari ikintu kitagerwaho gatanu kuri gatanu. Nyamara hari ibihugu biza ku murongo wa mbere kubera ibyifuzo n'ubushake bigaragaza kurusha ibindi mu kuyishyigikira. Hakaba n'ibindi bigira ubwo bushake n'ibyo byifuzo ariko ntibibishyire mu bikorwa kubera indwara y'ubwoba.*

*Kuvuga igitera ubwoba si ngombwa kuko aho buri impamvu ziba zigaragaza. Reka rero tujye mu ruzungu tuvuge ibyanditswe na "Le Renouveau", ikinyamakuru cyandikirwa mu Burundi cyo ku ya 15 Kamena 1991. Le Renouveau iyo rero iragira iti "Car disons-le, ce qui freine le développement d'une culture démocratique au Burundi depuis bientôt 30 ans, ce fut l'ambition des uns d'instaurer une démocratie ethnique à la rwandaise et la peur des autres de connaître la mort et l'exil, toujours à la rwandaise, bishatse kuvuga ngo igihagarika iterambera ry'umuco wa demokarasi mu Burundi ubu imyaka ikaba igihe kuba 30, byatewe n'inyota ya bamwe bashaka gushinga demokarasi ishingiye ku moko nk'iy'abanyarwanda n'ubwoba bw'abandi bwo kwicwa no guhunga, na none nk'abanyarwanda.*

*Nk'uko byigaragaza, ibinyamakuru by'ahandi, ibinyamakuru by'amahanga, binyuzamo bigasuzugura cyangwa bikanenga demokarasi y'abanyarwanda. Abategetsi b'u Rwanda bakagira akanyabugabo ko kutabyikoma kuko biba akenshi bibagira inama. Ibisebanya cyangwa ibibeshya nabyo abo bategetsi bakihatira kubyereka aho ukuri guherereye. Rimwe na rimwe bagategereza ko ibihe aribyo, mu gusimburana kwabyo, bizashyira ukuri ku gasongero n'ubwo iyo ngamba hari abo itanyura. Nta munyamakuru n'umwe wo mu kindi gihugu u Rwanda rwari rwasabira igifungo kuko iyo bigenda bityo, ku "Nsamirizi" ntihari kubura byibura umwe. Naho "Le volcan" nta wamenya niba n'uwo kubara inkuru yari gusigara. Kuba ibyo bitarabaye si ubugwari ahubwo ni ubutwari butanga ishema. Ubutwari bwo kwirinda gufata ikinyamakuru cyigenga ngo ucyitirire icy'ubutegetsi kugira ngo ugikumire kwerekana uko politiki y'andi "makungu" imeze, uko ihumeka n'ibyo igamije. Buri wese arakeka ko ibyo u Rwanda, mu kwiyubaha kwarwo, rutasabira abanyamakuru b'ibindi bihugu, rutabiha ikindi gihugu kibisabiye abanyamakuru bashyigikiye demokarasi bakorera k'ubutaka bwarwo. Naho ubundi ibihugu byicisha urume uwo bizaheka, nibyiyumvishe neza ko inkubiri y'amashyaka menshi muri Afurika, bitazabona aho biyihungira. Abatinya amoko afite ubwiganze ku yandi ariko akaba ariyo akandamijwe bisobanura bavuga ngo demokarasi ntishingira ku moko ahubwo ishingira ku bwiganze muri politiki. Reba le Renouveau yo ku ya 15 Kanama 1991 urupapuro rwa 8 inkingi (colonne) ya 4. Iryo hame warimenya ikindi naho ubundi ni ukuri mba ndi*

KA02 1420

KA021420



*umwambi ! Nyamara muri ibyo bihugu iyo ku rundi ruhande ugize ubwende bwo kwitegereza n'ubushake bwo gusesengura usanga ubwo bwiganze bwa politiki bavuga nabwo bushingiye ku moko, ubwo demokarasi igahita yibera urujijo. Biratangaje ariko byiteye ukuri.*

*Kwandika nicyo kiguzi gikwiye, mbese gihebuje koko, cyo gutekereza. Kucyima uwatekereje ni ukumuvutsa uburenganzira bwe bwo kuvuga, nako bwo kwandika. Dore umurwayi yagiye kwa muganga. Atekerereza umuvuzi ko adasinzira kubera gutekereza cyane. Muganga aramubwira ngo noneho najya agera ku buriri ntakagire icyo atekereza. Umurwayi yakurikije amabwiriza ya muganga noneho mu bitekerezo bye hazamo ko atagomba kugira icyo atekereza. Ubunyoni bugera agikanuye. Mu by'ukuri uwo murwayi mu kwirinda ibitekerezo bimubuza gusinzira, yatekereje kutagira icyo atekereza. Munyamakuru w'i Rwanda we ! Ubwo wumvise bagize ngo iki ?*

*Gisenyi-Info*

# P.S.D. : ISHYAKA RIHARANIRA KURWANYA M.R.N.D. NA HABYARIMANA GUSA

Mbere yo kugira icyo mvuga, ndabasaba ko mwahitisha iyi nyandiko kugira ngo turebe ko Gatabazi n'abantu be bakwemera kujya kwirutsa muraramo nemeza ko bariye.

Hari ku itariki 03/08/1991, twibereye mu mugi i Kamembe, uhagarariye P.S.D. i Cyangugu aradutumira ati muze kumva aho Gatabazi asobanura neza amatwara ya P.S.D. namwe muyoboke. Hafi saa kumi n'ebyiri niho twahuriye na Gatabazi muri Hôtel INYENYERI mu cyumba cy'inama, (twari nka 15) byeri na fanta birafungurwa nuko dutega amatwi.

Gatabazi ati PSD ni ishyaka riharanira Demokarasi n'imibereho myiza y'abaturage, ati mudufashije kugera ku butegetsi twakora ibi n'ibi... sinabisubiramo ariko ni ibintu byiza cyane. Ati kandi mwibuke ko twazize ubutegetsi bwabanje kandi kubikiriho inzitizi akaba ari M.R.N.D. na HABYARIMANA. Ati ubwo rero nta wundi mugambi ni uwo kubahirika.
Mbere yo gukomeza reka nkubaze ibibazo bibiri :

1. Habyarimana na M.R.N.D. nibo bagabanyije igiciro cya kawa mu masoko mpuzamahanga ?
2. Habyarimana na M.R.N.D. nibo baremye inkotanyi zishaka kudutesha umutwe ?

Ubwo rero twahise dutangira kubaza ibibazo. Barabaza, barabaza... bingezeho numva kwihata amatwara rusange y'ishyaka iri n'iri ntacyo bimaze, icya ngombwa ari ukumenya uko ishyaka ribona ibibazo twifitiye, ntera agatoki nti : "Bwana Gatabazi, iyi ntambara turimo murayivugaho iki ?". Araterura ati : "Iyi ntambara sinzi icyayiteye, nta n'ubwo nzi icyo Inkotanyi zigamije". Arakomeza ati : "Ariko uko guverinoma iyisobanura si byo, intambara turwana ni iya politiki si iy'amasasu".

Ese ko wumva atabizi ibyo bisobanuro ni iby'iki ? Twakomeje kumuhata ibibazo aduhishurira uko abibona, ni uko ati :

— Iyi ntambara si iy'abatutsi kuko Kanyarengwe na Bizimungu Pasteur aribo bayiyoboye.

- Inkotanyi ntaho zihuriye n'umwami kuko harimo Abahutu.

- Iyi ntambara yashojwe n'abarambiwe ubutegetsi bw'igihugu, byumvikana ko ubwo bashaka kuzana Demokarasi !

Ibi biragaragaza koko ko atazi icyabiteye n'icyo igamije. Ariko se ntabizi cyangwa abyica abizi ? Niba ashaka kubimenya niyumva njyewe w'umuturage, ukennye, utagira amafaranga yo kugura ibinyamakuru, udashobora no gushinga ishyaka musobanurire, natumva neza azanshake ambaze. Bwana Gatabazi, niba kumenya icyateye iyi ntambara ubishaka koko, uzashake ibitabo birimo amateka y'u Rwanda, Uganda n'u Burundi, kuva abatutsi bagera muri ibyo bihugu kugeza muri 1986 Museveni afashe ubutegetsi. Uzankorere raporo y'ibyo wasomye ninyibona nzaguha ibindi bisobanuro uzakenera. Icyakora uzasanga kurambirwa ubutegetsi bwa Habyarimana bitarimo kuko atari we wategekaga muri 1962 ubwo batangiraga kudutera. Uti wenda bari barambiwe uwari ariho, ko baba barambirwa vuba ! ! !

Niba ushaka kumenya icyo bagamije dore inzira wanyuramo :

- Uzabaze abakurikiye ikiganiro cyahise kuri radiyo y'Amerika ( La voix de l'Amérique ) cyatanzwe n'uwitwa René Lemarchand...
- Uzabaze abakurikiye ikiganiro Ndahindurwa ( wari umwami ) yagiranye n'abanyamakuru ba radiyo y'Abadage ( La voix de l'Allemagne )...
- Uzabaze abumvise amatangazo abahagarariye inkoshoranyi batangarizaga kuri R.F.I. ( Radiyo y'Ubufaransa ) intambara igitangira.
- Uzajye ukurikira radiyo y'inkotanyi wiyumvire.

N'ibindi byinshi.

Bwana Gatabazi, ibyo byose nubikurikira uzasanga :

- Inkotanyi ntizemera revolisiyo yo muri 1959
- Inkotanyi zemeza ko imyaka 30 ishize ntacyo tugezeho kubera ubutegetsi bubi.
- Inkotanyi zemeza ko mu Rwanda Abatutsi barenganywa cyane.
- Ndahindurwa yemeza ko akiri umwami w'u Rwanda ko abahungu be bashaka kumugarura.
- Inkotanyi zatangaje ko uwo Ndahindurwa nta kosa yigeze akora ko agomba gusubizwaho...

Nizeye neza ko ibi bigaragaza neza icyo zigamije.

Ubu se koko turajya he niba abashaka gushinga amashyaka bose

bishakira ubutegetsi, kandi inzira yose ikaba ari inzira? Icyakora bamenye ko kurwanya Habyarimana bahereye ku ntambara biruhije cyane kuko bigaragara ko ayishoboye we n'abasirikari be. Njyewe iyo mbonye abantu batekereza kuriya numva mbabaye cyane baba ari abahutu bikarushaho, bituma nibuka babandi bashutswe bakimika ingomantutsi ku mugaragaro none ikaba igiye kubatsemba. Dore imigani ntuye abantu bose batekereza kuriya:

1. Inzira ngufi yamaze abana b'abatwa
2. Akari mu nda y'umututsi kamenywa n'Imana na nyina.
3. Guhunga k'umututsi ni kuyembayemba.
4. Amakenanshuti aherekeza umuhutu.
5. Inkunguzi y'umuhutu ikomera inka ibisigati.
6. Nzatunga y'umuhutu nkawa ivamo nzaturika
7. Umuhutu arakira ariko ntakira unsigarize.
8. Umuraza mu kirambi akagutera ku buriri.
9. Umuvura amaso akayagukanurira.
10. Umuvura amenyo, ejo akayaguhekenyera (akayakurumisha)
11. Akaramata ke karamata ivu.

Namwe mwirebere, mwisesengurire inkomoko y'iyo migani twasigiwe na ba sogokuruza. Ese murabona yaravaga he?

Icyitonderwa: Njyewe nta shyaka na rimwe ndayoboka, ntimukeke rero ko naba ndwanya Gatabazi kubera ishyaka naba ndimo. Nta n'ubwo mushinja gushyigikira Inkotanyi. Ahubwo ndabona akabije inyota y'ubutegetsi agashaka kunyura mu nzira imworoheye yo kwiyanga ubwe. Siwe wenyine kandi, bose baramenye urwara rurerure ntiruzatume bimena inda.

*NDAGIJIMANA Lazare*
*B.P. 34 CYANGUGU*

*N.D.L.R.: Na none kandi uwo Gatabazi Félicien ni we uherutse kwihandagaza kuri RADIO-RWANDA ngo bagabanye abasirikari, bagabanye ibikoresho n'ibibatunga kugira ngo haboneke amafaranga azakoresha inama rukokoma. Mwe murabona uwo muntu ashaka kugera kuki?*

# ESE KOKO SINGAYE ASEKA IMBOHE?

Ni ku matariki ya 4 na 28 Kanama 1991. Umugabo SINGAYE akuviriye i Bulayi aho afite inzu yubatswe mu madovize yaturutse mu ikawa y'umuhinzi. Ageze i Kigali abwirwa ko umuyobozi wa KANGURA NGEZE Hassan afungiwe muri gereza ya Kigali. Ubwo yahise akoresha umunsi mukuru kuko yumvaga ko akize uwo munyamakuru wari watangiye gushyira ahagaragara amarorerwa akorwa n'uwo Singaye nk'uko mwabisomye muri KANGURA N° 18, 19.

Ntabwo byaciriye aho kuko yahise aturamo kositimu ye nziza arakumanukira no kuri gereza ya Kigali, ajyanywe no gusura NGEZE Hassan, ngo abone uko amushinyagurira. Kuba yaraje gushinyagurira imbohe rero ntawe byatangaje. Utagirira urukundo rwa kibyeyi intanga ze ntiyarugirira uwo batagize icyo bapfana. Ntawuyobewe mu mugi wa Gisenyi ukuntu yakenesheje Gacukiro J.B. n'uburyo yamuhejeje mu buroko kugera magingo aya.

Hari abibeshya mu kutabona impamvu igaragara yo kwinjira mu buzima bwite bwa SINGAYE (vie privée) KANGURA yihaye. Ntawuhakana ko uwo mucuruzi atari ikirangirire muri iki gihugu. Aherutse no kubonana na Nelson Mandela wo muri Afurika y'epfo. Mu itangazamakuru nk'abo twagereranya n'ibirangirire nka Bokasa, Amini Dada, Mohamed Ali, Maradona, Majyambere Silas n'abandi n'abandi, inkuru yose ibaturutseho yaba iyo mu kazi kabo cyangwa iyo mu buzima bwabo bwite iratangazwa. Umwe muri abo bose iyo yarongoye, yarwaye, yasinze bikabije, yirukanye abana be, yahombye, yagize ikibazo n'ubutegetsi... ibinyamakuru birabitangaza. Si igitangaza, yewe si n'ikosa ni inkuru. Uretse KANGURA yanditse kuri SINGAYE kandi ikaba igikomeza, ni ikihe kinyamakuru muri uru Rwanda kitandika ku bikomerezwa?

Bantu mwiyiziho gukomera kubera ubutegetsi cyangwa se amafaranga ni mube maso, mwimenye ku myifatire n'imikorere yanyu kuko rubanda n'ibinyamakuru babahanze amaso. Kuvuga ko imbwa yariye umuntu si amakuru kuko ari ibisanzwe. Ariko kuvuga ko umuntu yarumye imbwa ni amakuru kuko bidasanzwe. Ibyo ni kimwe nko kwandika ku bana ba karani ngufu baburaye aho kwandika ngo bamwe mu bana ba SINGAYE w'umuherwe baburra icyo bararira!

*Bwengebucye Patrice*
*Gereza ya Kigali*

***NIYITEGEKA Eliezer natavanwa ku isonga ry'itangazamakuru no kwamamaza MDR, TWAGIRAMUNGU Faustin natareka gusuka ibigambo bitameshe muri Rubanda, ngo areke no kwiyamamaza akoresheje ibinyamakuru by'Inkotanyi, Ishyaka ryabo "MDR" rirabura abayoboke.***

KA02 1422



# AHO MINITRAPE URAKURIKIRA?

KA021422

Leta nitabare! Umugabo Sibomana Stanislas aranze yigize igihangange. Ubu arabarirwa muri ba Nyirubutaka kuri Mont Kigali, Segiteri Nyakabanda, Selire Nyakabanda. Byaje bite, byifashe bite! Uwo mugabo ufite Resitora yabanje kuyita Bar BAOBAB, asanze ibya Bar bidatunganiye imyubakire y'iyo quartier, Bar ayihinduramo Resitora BAOBAB. Afata parcelle aho kuri Mont Kigali, hafi ya Stade, yaje nk'abandi. Ahasanga ba gature n'abandi bafashe ibibanza nkawe. Bose bizeye kuzaturana nkuko hose muri Kigali biteye. Ariko Sibomana ahageze siko byagenze. Uwo mugabo ubusanzwe bose bita Kapiteni, ngo baba baramusezereye mu ngabo z'igihugu kubera amatiku ye, ngo bamwita Ingorabasyi, asezerezwa bya TIKU, ntiyarirekera mu kigo; yadurumbanyijje abaturage yahasanze yifashishije gucurika (cyangwa se gucurika inzoka) abakozi ba MINITRAPE b'ingero zose.




Mu kazi ke ka Restaurant umukozi w'ibanze afite ni Madamu we Monika, umwoshya mu kuzengereza abaturanyi be bose. Yarabanje asesereza abaturanyi ngo birukanisha abakiriya kubera ibimoteri (imyanda) bafite iwabo, abandi ngo bafite ibigaraje bisakuriza abinovora, abandi ngo no mu mabutike yabo haba icyo kunywa. Bose abahindamo anyuze mu nzego nyinshi z'ubutegetsi, mu mayeri menshi, abahagwa baraharuhira na n'ubu. Ibi wabibaza umuturanyi we Karikumutima, bageranye he uretse ko nawe yahabaye umugabo utavogerwa!

Kapiteni yararebye asanga abandi baturanyi batuye haruguru y'iwe atabona amafaranga yo kubimura yiga imigambi, afata inzira ajya kuwuteka muri MINITRAPE, azana ba Topographes baraza barapima, abaturage bakaba bazi ko ari imihanda baje gupima. Hapimwa umuhanda uzamuka n'utambika, abahatuye bati Leta irakarama, batazi imigambi ya Kapiteni.

Noneho reka afate indi ntera, azane abakozi bo muri expropriation (abashinzwe kubarira abimurwa) ngo babarire abaturiye iyo mihanda. Abo bakozi barangije akazi kabo abahatuye batarasobanurirwa ibigiye gukorwa mu bibanza byabo dore ko iyo mihanda itagongaga ayo mazu yose. Bose bibazaga imigambi Leta ifitiye aho hantu, ibi bikagaragaza ko babaruriwe ibyabo ku gahato, ndetse iryo yimurwa ryabyaye impaka ndende dore ko hari n'ukishiditse n'uwo mugabo mu nkiko. Bose baratunguwe. Gusenya amazu ya bene ngofero MINITRAPE yabanje gukubita hasi inzu y'uwitwa Edouard n'iya Rutayisire ku buryo butumvikana. Abasirikari baje baherekeje abo ba rushenyi nibo bakwemeza ko ayo mazu yagambaniwe ndetse na Shefu w'abasenyaga yiyemereye ko yatumwe, atazi icyo ayo mazu azize. Byabazwa uwo bita Mwarimu na bagenzi be, uretse ko ibanga ry'ubwo bugizi bwa nabi bizwi na Kapiteni. Abo ba rushenyi bariye angahe? Ayo mazu amaze gukubitwa Kapiteni yahise yiyongerera pariseri. Ibyo byari muri pula ze kuko n'ubundi bizwi ko aricyo yacungaga. Abaturage bamaze gufata amafaranga ya Leta babariwe, Kapiteni yimura imbago, hose ahagira ahe. MINITRAPE yamenya kugaba. Ariko se ari uwo nyiri BAOBAB ari Leta urihira undi ni nde? Twabamenyesheje ko aho hantu Leta yiyemeje kuhimura abahatuye bo bakeka ko bagiye kuhaca imihanda gusa, andi ma projets akazakurikira. Nyiri Resitora yatanze iki kugira ngo Leta imutangeho amafaranga arenga miliyoni, programu y'imihanda ayisese, aho banyujije imbago z'umuhanda ujya mu yandi mapariseri kugeza hirya ku ishyamba ahigarurire? Aha twakwibaza niba MINITRAPE ikurikira. Kugira ngo umugabo kubera kumenya gutanga ruswa (udufaranga, ibiryo n'akayoga da! muri Resitora ye), yiyemeze abeshye Leta, azageza he? Abamubaza aho bizagarukira abasubiza ko abayoboke ba MDR yakirira iwe, ibyo bazabitunganya. Abaserile bo bakubwira ko iyo bagize icyo barevura kuri icyo kibazo izakabwana zibageraho vuba na bwangu. Abashinzwe Ibiro by'Iperereza, mugire bwangu, murenganure abaturiye Stade ya Nyamirambo hataracura inkumbi. Abaturage bo muri Selire Nyakabanda, Segiteri Nyakabanda barimo Daniel, Kayisire, Seruhinja, Rutayisire n'abazubaka mu mapariseri yakaswe kugeza hirya ku Ishyamba rya MINAGRI, abo bantu ko bahatuye kera uwo mugabo atarubaka, umuhanda ugera iwabo MINITRAPE yarawupimye, Kapiteni arawusiba. Bazagera mu byabo bate, bazanyuza ibikoresho n'ibigendesho byabo imuhira bate igihe uwo mugabo atavuye ku izima. Ntawabona naho anyuza ingobyi y'umu-

KA02 1423



rwayi kandi Burugumesitiri Bakomera yaramwiyamye ngo natange inzira (arekure pariseri y'umuhanda) undi akamwima amatwi. Ariko ubundi Kapiteni yakumvira ubuhe butegetsi kandi ngo yizeye ibyo abapfunda bagaceceka! Erega Kapiteni afite n'abo yishingikirije. None se ko agendera mu kwaha k'uwahoze ari Minisitiri w'Ubucamanza mwene wabo wo ku Kibuye, ko babifindira iyo hejuru, wagira ute! Ariko Imana irarora, uretse ko itita ku miterekero, indagu, ruswa n'amahame y'ubutegetsi bw'umugore ku mugabo we, ahubwo Nyagasani arengera utishoboye kandi ngo Ihora ihoze. Ari Konseye, ari abaturage b'iriya Selire, bamenye ko hari umushinga uhambaye, wemewe, uhateganirijwe, by'ukuri, basubiza amerwe mu isaho. Bakemera imihanda igasiba, bagashakisha ibindi birere bajya banyuramo bataha iwabo, kubera ako gakiza bazanirwa na Kapiteni, karusha iriya Resitora babona idafite n'icyo ibamariye. Kwifuza gukira k'umwe ntibyagombye kubuza amahwemo abana b'u Rwanda. Leta renganura abawe. Naho ubundi Kapiteni intego ye asa n'uwayigezeho. Abaturage yabimuye nta gikoroto cye atanze. Leta nayo yemeye guhomba za miliyoni no guhima abaturage bayo ibimura ku ngufu, programu zo guca imihanda iraziyibagiza. Ariko ubundi muri uyu mugi hari ufite uburenganzira bwo kwiha kubaka ahantu hapimwe umuhanda. Rero ngo muri ibi bihe by'amashyaka menshi MDR yo ifite uko ishobora kugabiza ibya rubanda abayoboke bayo nkuko Kapiteni abyizeye.

*Umusomyi wa Kangura*
*Selire Nyakabanda*
*Nyakabanda-Kigali*

# ARI KANGURA, ARI UKURI KWAYO, IBYITSO BY'INYENZI-NKOTANYI BITINYA IKI?

Mu gihe muri iyi minsi Rubanda nyamwinshi n'abakunzi ba KANGURA bose batewe agahinda n'ifungwa ry'umuyobozi wayo NGEZE Hassan, ibyitso byo birangajwe imbere n'umuvugizi wabyo KAMEYA dore ko ariwe wabaye uwa mbere mu kwitotomba agaragaza ibyishimo yatewe n'iryo fungwa muri Rwanda Rushya ye n° 8. Ibyo byitso rero byaboneyeho umwanya wo kwisihinga, byivovota bigaragaza ko byanejejwe n'iryo fungwa. Igitangaje ariko kandi kibabaje ni uko abo ba "Kameya na Mugabe (tutsi extrêmistes) biyibagiza wa mugani wa kinyarwanda ko "umugabo mbwa aseka imbohe". Kandi ngo urucira muka so rugatwara nyoko!

Aho KANGURA n° 20 isohokeye ariko ibyo byishimo byarayoyotse, ahubwo ibyitso bishya ubwoba, bintera kwibaza icyo bipfa na KANGURA. Ibi byanyibukije amagambo ibyo byitso bihora bivubura asebya Kangura bishaka kuyangisha Rubanda nyamara kandi rwo ruzi ikirufitiye akamaro rukaba ruyikomeyeho bitavugwa (ushidikanya azapereraze azasanga Kangura aricyo kinyamakuru cyigenga gisomwa kandi gikunzwe na Rubanda nyamwinshi benshi). Impamvu nta yindi ni uko yirinda amatiku kandi igaharanira ukuri cyane cyane ugufitiye rubanda nyamwinshi akamaro.

Utaranyurwa n'uko kuri azenguruke KANGURA zose zahise (ntawe ukunda ikiramwa hutu utazitunze) arasanga ibibazo (thèmes) KANGURA yakunze kugarukaho ntawe byagombye gutera ipfunwe, ko ahubwo byumviswe neza kandi bikabonerwa umuti uboneye, byaba intandaro yo gushimangira ubumwe n'amahoro nyabyo mu bana b'u Rwanda nkuko tuza kubyerekana hepfo. Ibyo byagerwaho neza ariko ba Kameya na Mugabe babanje kwivuza indwara ibarembeje yo kuvuga ngo n'ubwo ibyanditse cyangwa ibivuzwe ari ukuri, ubwo ari Kangura ibivuze ni ukubirwanya.

Ibyo ni ukwishuka nabi kuko ntawe urwanya ukuri. Ukuri guhoraho ntiguhinduka. Imbere y'ukuri umuntu arapfukama akakwubahiriza, kukamuyobora nta kindi. Ahubwo niba hari aho ugukemanga, ba umugabo ukuvuguruze, unyomoze se aho gusera mu nda ngo ushinjagire ushira kandi ntawagufashe ururimi.

Dore ingingo nshaka ko ba "Kameya na ba Mugabe" batangaho icyabo gitekerezo aho gusebanya gusa (ni zimwe nasanze muri KANGURA zivugisha ibyitso amangambure!):

**1. Intego y'ibanze: Gushyira hamwe tugatsinda inyenzi (Priorité des priorités)**

Nta munyarwanda n'umwe ukunda urwatubyaye utakwemeza ko iyi ntambara twakuruweho n'inyenzi-nkotanyi aricyo kibazo cyihutirwa kitubangamiye. Iyi ngingo nta na rimwe KANGURA itayigarutseho mu nomero zose zahise kuko ariyo pfundo ingorane dufite ubu zose ziziritseho.

Uruhare rwa KANGURA n'umuganda itanga mu kurwana iyi ntambara bizwi na bose. Icyo yiyemeje kandi ni ugufasha Ingabo z'Igihugu mu buryo bwayo bw'Itangazamakuru, gutsinda umwanzi ruhenu. Iyi ikaba yagombye kuba intego ya mbere ya buri munyamakuru ukunda u Rwanda. Ariko se niko bimeze? Ba "Kameya na Mugabe" nibadusubize. Bataranadusubiza ariko ntituribagirwa ibyo umwe muribo Inkotanyi kabuhariwe RWABUKWISI Vincent wihimbye RAVI yatangaje muri KANGUKA y'ubushize. Mwese mwibuka ko ari muri Gereza yabyukaga buri gitondo yiteze kumva Radio itangaza ko iza Rwigema zageze i Kigali, uko asanze atari byo ngo bikamubabaza cyane. N'agahomamunwa!

**2. Guhinduza ubwoko no kwiyoberanya by'abatutsi**

Indi kabutindi KANGURA itemeye guceceka (dore ko mu bihe byashize kubivuga cyari ikizira: byari sujets tabous) n'ingeso mbi yarembeje benshi mu batutsi yo guhinduza ubwoko — ibi n'abatutsi ubwabo barabyemeza (cfr

KARIM P. Norbert muri Kangura nº 20, page 11) — kugirango babone uko biyoberanya n'uko bihisha mu bahutu bagamije kubatwarira imyanya mu butegetsi no mu mashuri. Iyi ndwara itavuwe vuba akari kera yazôreka abahutu. None se byitso mwe, mureke mbabaze; umuntu arajé ati: "ndashaka ko tuba inshuti?" Uti "ni byiza, mpa ka adresse kawe twibwirane", ati: "ibyo ndumva atari ngombwa": uti "ese wenda pfa kumbwira izina ryawe", ati: "yewe ibyo ntacyo bivuze icyangombwa n'uko tuba inshuti". Koko uwo muntu udashaka ko umumenya ubucuti uzabumwemerera?

Birakwiye ko abatutsi bahinduje (ni nka 80%) basubirana ubututsi bwabo, ahasigaye bakajya mu mashyaka bumva abagwa ku nzoka. Naho igihe cyose bazaba bumva bagomba kwihisha mu bahutu tuzahorana ubumwe bwa nyirarureshwa, babugendereho bazatwirenze.

KANGURA rero irifuza ko iki kibazo kiva mu bwiru vuba (que ce sérieux problème cesse d'être sujet tabou) ababishinzwe bakagifatira ibyemezo. Ndabona biri mu byakunga abanyarwanda, bakabana baziranye bataryaryana bamwe bubikiye abandi. Ababibona ukundi aho kuvuza induru basebya Kangura ngo irateranya amoko, nibatange nabo igitekerezo cyabo twuzuzanye (c'est de l'affrontement des idées que jaillit la lumière).

**3. Bahutu mube umwe nkuko abatutsi ari umwe (L'union fait la force).**

Uwashidikanyaga ko abatutsi ari umwe nizere ko iyi ntambara yamumaze amazinda bihagije. Mwiboneye mwese ukuntu badutera bashyize hamwe: Abatutsi bo muri Amerika, ababa mu Burayi, abo muri Uganda, abo muri Zayire, ababa mu Burundi n'ab'imbere mu gihugu mwabonye ukuntu bose babaye intera-hamwe. Ntibita ku mipaka y'ibihugu cyangwa ku turere batuyemo. Icyangombwa kuribo ni ubututsi. Ibyo rwose ni ukuri kutagibwaho impaka Kangura "yamye" yerekana ibwira abantu kugirira abatutsi ishyari ryiza nabo bakaba umwe. Igitera agahinda ariko n'uko hari ingirwa-bahutu zimwe usanga zirwanya ku mugaragaro ubumwe bw'abahutu, zikabacamo ibice, zibatatanya. Ese nka Dogiteri mu matiku SEMUSAMBI (Docteur ès intrigues, nawe yabonye ubumenyi abamo kaminuza!) iyo yirirwa agonganisha abahutu, yigisha Nduga-Rukiga, aba akorera nde? MDR cyangwa FPR? Iyo atinyuka agafata agace gato ka Byumba akakitirira Perefegitura eshatu zose z'igihugu aba agamije iki? Rwose urabona kwirirwa utwigisha ayo mahomvu bene GAHINDIRO bariho baturasa mu majyaruguru y'Igihugu, ubona atari uburwayi? Koko bavuze Muraramo, njye mbona iyo ba "Semusambi" barwaye yo ari injyanamuntu; itavuwe vuba yazôreka imbaga y'abahutu. Niyo mpamvu dukwiye gutabara, tukabavura tubereka ukuri bakagaruka mu nzira nziza, bakiyumvisha ko ubumwe bw'abahutu buruta byose. Ese babonye umunyenduga w'umututsi hehe? Umukiga w'umututsi bamubonye he?

Maze rero twe tubona ko abahutu nibaba umwe nibwo bazakorana neza n'abatutsi; naho nibicamo ibice, bazakomeza kuba ibikoresho by'abatutsi babagaragure uko bishakiye mpaka ingoma yabo bayishubijeho (DIVIDE UT IMPERES!). Ibi ni ukuri, ababibona ukundi aho gutukana nk'abashumba nabo berekane igitekerezo cyabo kuribyo.

**4. Kunena abahutu kw'abatutsi byadindije ubusabane bw'amoko (ngo nta ntama mu ihene!)**

Igihe umututsi azemera ko ari umuntu nk'abandi u Rwanda ruzaba ruteye intambwe ndende mu bumwe bw'igihugu duharanira. Muri KANGURA zahise hagaragayemo ibitekerezo byamagana imyifatire mibi y'abatutsi banena abahutu. Birazwi ko kubera gushaka ubusabane bw'amoko no kwubahiriza intego y'ubumwe bw'abana b'u Rwanda, mu myaka yashize abahutu barongoye abatutsikazi bivuye inyuma, yemwe no mu bategetsi karakozwe. Ariko iyo ugenzuye usanga ubwo busabane abatutsi batarabwitabiriye kuko bakomeje kunena abakobwa b'abahutu bahamya ya mvugo yabo ngo "nta ntama mu ihene"!; n'umututsi wakubise impyisi inkoni akarongora umuhutukazi ni nk'umwe ku gihumbi nawe kandi bene wabo bakamuca, bakamuha akato nk'uwakoze amahano.

Ibi iyo KANGURA ibivuze n'ukugira ngo bicike, amoko asabane nta buryarya, nta kwisumbukuruza bamwe ku bandi. Ese Kangura nimara kuvana abatutsi kw'izima, ikabumvisha ko ntacyo barusha andi moko, nabo bakemera kwiyoroshya bagasabana n'abandi, murahire ko itazaba ikoze akazi gakwiye ishimwe. Guharanira ubumwe bitari ibyo se ni ibihe? Ubwo se abayirega guteranya amoko ni bazima? Rwanda Rushya baririmba se bo babona twazayigeraho dute bakomeje kutunenera abakobwa kandi ntacyo ababo babarusha?

**Umwanzuro**

Ntabwo ingingo zose zuje ukuri zatambutse muri KANGURA twazimara inyuma uyu munsi, tuzakomeza ikindi gihe. Gusa twashatse kwerekana ko ibigambo ibyitso by'inyenzi nkotanyi bivuga cyangwa byandika ari ibinyoma bigamije guhunga ukuri kwa KANGURA batinya kurusha uko umuriro utinya amazi.

Uko kuri twongeye kugushyira ahagaragara tunasaba buri wese ufite icyo yakwongeraho kubikora aho gutukana.

Batutsi rero muve ibuzimu mujye ibintu. Musezerere ibyo kwigira nyoninyinshi no kwiyoberanya kuko igihe cyabyo kigomba kurangira. Mukundire KANGURA ibakangure mu kuri, kwa kundi kutica umutumirano. KANGURA ntibanga yanga ubuyoka bwanyu; mubufashe hasi duturane muri iki gihugu cyacu twese nta bwoko bucyibwira ko busumba ubundi, maze u Rwanda rwacu turwubake rukomere kandi Turubumbatire mu mahoro, mu kuri, mu bwigenge no mu bwumvikane.

*BARANYERETSE Moustapha*

KA02 1425



# MUGENZI P.L. IGISAMBO CY'INGUFU MURI C.O.K.

U Rwanda n'u Busuwisi byaciwe umugongo no kumva ko inkotanyi, umugome n'igisambo kabuhariwe Mugenzi cyishyize ku isonga y'ubutegetsi bw'ishyaka ryemewe ryitwa "Parti Libéral", ishyaka riharanira ukwishyira ukizana bya buri muntu. Urubyiruko rwamumenyeye i Shyogwe n'i Mburabuturo hagati ya 1964 na 1970. Abasuwisi yakoranye nabo mu gutegeka ishuri rya Leta ryitwaga "Collège Officiel" de Kigali baba abagabo bo guhamya uburara n'ubujura bw'uwo muntu batazi inkomoko ye.

Mu bukotanyi ntawabitindaho, kuko kuba afitanye isano ya hafi na Bunyenyezi wa wundi ingabo z'u Rwanda zivuganye rugikubita muri iyi ntambara turwana, agafatanya na ba gitimujisho bibasiye gusiba icyitwa umuhutu mu mateka y'isi n'ijuru kandi akamagana ku buryo buteye isoni kandi ku mugaragaro revolisiyo ya rubanda ya 1959 birahagije kumushyira mu ntonga imwe na Kagame, Kimenyi na Museveni. Ubugome bwo abufitemo impamyabushobozi isumbye iy'ikirenga. Ajanjagura imisaya y'abo bigana-ga, akanogora murumuna we mw'ijisho maze akarenzaho gukubitira icyivugo ku ntumbi y'umugore we — bashyingiranywe kandi bafitanye abana — yari amaze guhotora ndetse akabifungirwa igihe kirekire ntaho yari adukinze.

Ubusambo bwe bwo bwarenze ihaniro: mbese yageze ku mpinga yabwo nk'uko nawe abyivugira iyo yiharanga ngo yageze ku mpinga y'ubwenge. "Moi j'ai atteint le sommet, mwige cyangwa se murorere" ibyo yabivugiye i Shyogwe. Ariba, agasahura, akariganya, agatobora amazu, agakora mu mifuka, akanyereza imitungo, agahubuza icyo asitayeho cyose. Ikigo cyahoze ari COK cyamubereyeho umugani. Ibyo mbizi mu busa kuko nahabaye ndi "surveillant" w'abanyeshuri nkahava nzinutswe ubusambo n'ubugome bw'uwo mugabo wari wungirije umuyobozi w'ikigo w'umuzungu maze umugore we akaba umucungamari wacyo ari nawe wari ushinzwe guhahira abanyeshuri.

Mbega ikigo ngo kirakira! Uwashaka kunyomoza azapererereze kuri Minisitiri Gasana, natanyurwa azegere Dogiteri Serufirira cyangwa umunyabyumba Mbonigaba, nibyanga azanyarukire ku Mugina kwa Burugumesitiri Nkurunziza, niba agifite amatsiko azakomereze iya Butare ku munyakibungo Ruzindana, nasanga ari ngombwa azamanukire ku Gikongoro asiguze Noheli wo mu Nyakinama maze aherukire mu mahanga yibarize inkotanyi Rwabuhihi Ezéchias na bagenzi be.

Muri COK rero byari byifashe bite? Iryo shuri bitaga intangarugero "Collège pilote" wagiraga ngo ryubatswe i Genève cyangwa i Neuchâtel; abanyeshuri baho bari bafashwe ak'ingagi ndetse ho bagashyiraho ururusho iryaguye. Nanjye nubwo nari umukozi mpembwa natamiraga ku mfashanyo agahumbi n'agahumbagiza zagenerwaga abanyeshuri ariko zimaze kuyunguururwa na mwene wacu Mugenzi bitaga Ruhugafu kuko Yusitini ari iritagatifu atagombaga kugiraho uruhare.

Uwo mugabo akiri i Shyogwe yumvise akanunu ko hari imbehe iri kubarizwa i Mburabuturo maze aratikura karahava kugeza ubwo ahegukanye intebe iryoshye mu bazungu b'abatesi batazi ko mu Rwanda za rusahuzi ari igitero. Yarahageze aradamarara, yoga mu bintu no mu madovize, byose arakusanya biratinda. Akanyeshuri cyangwa akarimu gashatse kubyutsa imvugo akakanaga iya Mont Kigali cyangwa i Jari utaretse Nyarurama hariya ku i Rebero-Horizon ntikongere gusubiza amaso inyuma ukundi. Bizwi na Shefu we Zaug na Rwamabondo yazengerezaga, abazungu yurije indege ntibabarika, abanyeshuri yaciragamo kabiri ubuzima ku maherere barimo abitwa ba Zitoni na Kamanzi n'abandi n'abandi ntibabona igitabo bakwandikwamo. Hari n'abo yazizaga ko bakize kandi batamurusha umutungo yabaga yasahuye muri COK. Musoni wa Ndamage cyangwa mwene Mutama bo wagira ngo bari baranyoye amasubyo; ariko nabo ntiyaburaga kubareba ikijisho cya simusiga. Icyakora asa n'uwaje gucogozwa n'umusuwisi w'umudage Luti.

Maze rero yarakugenderaga agakumunzura imifuka y'umuceri, y'ibishyimbo, y'ubunyobwa, y'isabune y'ifu, y'isukari, y'ibirayi, y'amata, y'ifarini, ya polici, y'imyunyu, utugaro tw'ubuto n'utw'amamesa, amakarito y'impapuro z'isuku, y'amasabune n'ibindi n'ibindi; byose byabaga bigenewe abanyeshuri we akabyipakiriza amakamyo. Iyo imodoka zabaga nke yatumaga kuba karani ngufu bakabimanukana kiriya gisozi cyari kimaze kuba Mbonabuturo haba ku museso, ku manywa y'ihangu cyangwa mu kabwibwi bikuzuzwa amaduka yose yo mu Rwanda. None se ntari mu banyarwanda ba mbere bifunze utuvatiri twari tugezweho akabimburira abandi mu gusabagiza iriya Kiyovu y'abakire za "cadastre". Byageze naho yicisha abanyeshuri inzara kubera ko ibyo bari kurya kandi bitemba nk'amazi yabigurishaga maze akagerekaho no kubabyina ku mubyimba ngo "il n'y a aucun de mes fils parmi vous, mushatse mwapfa", ngo muri mwe nta mwana wanjye urimo. Amagambo nk'ayo k'uwiyitaga umurezi ni agahomamunwa.

Si ibyo by'ibiryo gusa, abanyeshuri bo muri COK bahabwaga amapantalo y'ubuntu. Uwo rusahuzi akayabadodeshereza ku nshuti ze akerekana fagitire ikubye inshuro icumi z'igiciro nyacyo. Ubwo kandi ibifurumba byakuzura rukururana by'ibitambaro agavuye yabaga yabyambukije iya Uganda akabigurisha akayabo. Amashati abasuwisi bari bohereje abanyeshuri yarayabagurishije ayandi ayanyanyagiza mu bacuruzi ntawamenye aho amafaranga yavuyemo yarigitiye.

Amasaha nayo yashatse kuyarigisa biranga, icyakora yashoboye gucomoramo udufurumba twayo tutari duke. Amagodora, ibiringiti, ibitanda utubati, amasahani, amakanya, ibiyiko, amakaye byo ntawarubara. Ntibyari bikiva mu mahanga kuko Mugenzi yari yarigaruriye amasoko yabyo yose. Yarabeshyaga ngo birashaje cyangwa ngo umubare w'abana wiyongereye maze abazungu bakohereza ibindi urufaya, byose agashimuta. Dore ko

KA02 1426



abo basore bari bafashwe neza byageze naho abasuwisi babohereza amakashi; ababikurikiye hafi bavuga ko buri wese yari kubona nibura ibihumbi makumyabiri by'icyo gihe. Byaheze nyine mu magambo kuko mwene Kinyogote yashyize cya gisheki kibyibushye kuri konti ye bigaherera aho.

Iyo ntiti ngo y'i Makerere yari yarananiwe akazi ko kwigisha: yinjiraga mu ishuri akavuyanga amasomo, agasuka aho ingirwanyigisho zidafite umutwe n'ikibuno: abo yigishije ubumenyi bw'isi butaribwo baracyibaza aho uwo mugabo yabwigiye. Aho yabereye ntiyigeraga abaza, amanota yayikuriraga mu mutwe agatura aho, umuswa akarusha umuhanga: nta gihe yari yifitiye yari yashishikarijwe no gusahura gusa. Ubwo ni nako yanyerezaga imishahara y'abakozi, agahembesha ba Mivumu na Miravumba batabaho, agahimba imyanya y'akazi itagira bene yo, agasinya mu mwanya w'abakozi badakora. Hari n'ukuntu bahaga abanyeshuri ikiraka cyane cyane abaturukaga kure. Aho yabaga aguye mu mata n 'ubuki ahashashe kuko yavugaga ngo ni ikigo cyose cyasigaye, agatanga raporo y'imishahara yatanzwe idafite aho ihuriye na busa n'ukuri.

N'ubwo hari umuzungu wari uhagarariye ubwubatsi ntibyabuzaga icyo gihangange Mugenzi kumvikana na Chef maçon w'umunyarwanda bakarigitisha isima, fer à béton, amabati, amarangi n'ibindi. Umuzungukazi wavuraga abanyeshuri we yari yaramugoreweho; yaherukaga atumiza imiti kandi bakayimwohereza ariko ntazamenye amarengero yayo: Mugenzi yakoranaga n'indiri ya ba magendu bayimugururiraga.

Ubu noneho arashakishiriza kubura hasi no hejuru mu bayoboke b'ishyaka ngo ayobora no mu mfashanyo zitagira ingano zirimo iza Kanada uruhuri uburyo yazishyura miliyoni zirenga magana ane yagujije yubaka uruganda rwe.

Yemwe uwavuga ibigwi bya Mugenzi mu busambo imyaka yashira indi igataha. None ngo ni uwo mujura kaminuza uhatanira ubuperezida kugira ngo noneho abone uburyo yarateza cyamunara iyi Repubulika.

*Umusomyi wa Kangura*
*R.A*

# NYAMARA INKONI IKUBISE MUKEBA UYIRENZA URUGO

Ibinyamakuru by'Inkotanyi byabonye Umuyobozi wa Kangura afunzwe bibyinira ku rukoma. Muri iki gihe Ngeze Hassan, Umuyobozi wa KANGURA, witangira kurengera imbaga nyamwinshi y'abanyarwanda atahura kandi anatangaza amayeri n'ubugome by'Inyenzi-Nkotanyi, ari muri Gereza ya Kigali. Kubera iyo mpamvu ibinyamakuru by'Inkotanyi n'Ibyitso byarishimye ndetse bibyerekanira no mu nyandiko. Iyo umuntu asomye ibinyamakuru nka "Le Tribun du peuple" wigize umuvugizi wa rubanda kandi avugira abatutsi batemera ibyiza twagejejweho na revolisiyo yo muri 1959, wakumirwa. Dore ko n'Umuranga watangiye kurangazwa n'Ibyitso by'Inkotanyi, iyo usesenguye inyandiko zasohotse zerekeranye n'ihohoterwa rya Ngeze Hassan, usanga batangaza amatiku n'amatererano atesha agaciro itangazamakuru ry'u Rwanda ndetse n'iry'isi yose. Kubona umusaza Semusambi agera n'aho abeshyera Ngeze ngo yabujije abana gucuruza ibinyamakuru by'abanyenduga. Aha Semusambi yiyibagije ko akeza kigura. Birababaje kubona ikinyamakuru cy'Inkotanyi cyirirwa cyandika Ngeze Hassan bagamije gushaka gusa amafaranga mu baturage yo kujya kugura intwaro z'inkotanyi. Ese murabona byungura iki abaturage uretse gushimagiza Inkotanyi no gusebya abazirwanya.

Muri izo nyandiko ibyo binyamakuru birerekana neza ko byahumwe amaso n'Inkotanyi byitabira gusebya uwatahuye umugambi mubi wazo byirengagiza ko inkingi y'itangazamakuru ariyo kuvugisha ukuri kurengera rubanda nyamwinshi.

Tumaze gusoma inyandiko Semusambi yanditse mu Umuranga n° 38 twibajije niba ariwe wayanditse koko, kuko urebye ukuntu umwanditsi washatse cyane ubwisanzure bw'itangazamakuru none ubu akaba ariwe wandika ko umunyamakuru atagomba kwandika ku bibera mu bindi bihugu bitari u Rwanda. None se iyo nyandiko Semusambi yise "u Burundi na Ngeze Hassan" ntivuga u Burundi? Ese we niba atemera ko umunyamakuru yakwandika ibibera mu bindi bihugu, we yahawe uburenganzira na nde bwo gushushanya Perezida w'u Burundi mu kinyamakuru cye. Ese ko avuga ngo abanyamakuru ntibagomba kwandika ibikorwa muri politiki y'ibindi bihugu, we ajya kwandika kuri Sadam Hussein Perezida wa Iraki, akeka ko ari umunyarwanda. Radio-Rwanda ivuga amakuru y'u Rwanda gusa? Ahubwo Semusambi azatwereke aho Hassan yabeshye naho kuvugisha ukuri ntibigira umupaka. Wagombye kumenya ko umunyamakuru nyawe keretse wowe ukora magendu, agomba kuba ijisho rya rubanda. Ese iyo rubanda nyamwinshi ibaye ariyo ifashe ubutegetsi mu gihugu icyo aricyo cyose uribwa he?

Ubwanditsi bwa Kangura buboneyeho umwanya wo gusaba abahutu bose kujya bashishoza bakamenya ibinyamakuru bikoreshwa n'Inkotanyi n'Ibyitso byazo mu guteranya abahutu kugira ngo barangarire mu matiku no mu nzangano kugeza aho umwanzi afata ubutegetsi mu Rwanda. Ibyo binyamakuru bitiza umwanzi umurindi Kangura izakomeza kugaragaza amayeri yabyo iharanira mbere na mbere ubumwe bw'abahutu bose bo mu Rwanda. Ariko se Mugabo Jean Pierre niba udakorera Inkotanyi ko nta na rimwe wari wandika inyandiko yamagana bene wanyu, bakomeje kurasa abatagira icyaha bo mu Rwanda, ahubwo ukihutira kwamagana Ngeze Hassan, kuko uzi neza ko nawe ufasha bene wanyu uburyo bwo gufata ubutegetsi mu Rwanda, abandika muri Kangura, avumbura amayeri yabo.

*BARANYERETSE Moustapha*

KA02 1427



# ABANTU BARIBAZA BYINSHI KU RUPFU RWA MADAME MUKANKUSI ANSILA

KA021427



*Nguwo Bahizi Reveliyani wakoze ishyano*

Reka Inkotanyi mu masomo na propagande zabo bihate mu kwigisha ibibondo mbere yo kubyoreka, babishumurira ku rugamba ngo "songa mbere mpaka Nyamijyosi ariho Nyamirambo". Inyenzi zizi neza ko muri uru Rwanda, ari i Kigali aho wasanga ibibi n'ibyiza bituranye n'i Nyamirambo. Dore ko uduce tumwe na tumwe muri iyi ntambara twahawe andi mazina yiyongereye kurya Nyamijyosi. Hari ahitwa Matimba, Nyakayaga, Lyabega kubera amagrenade yahavugiye ndetse hamwe ibizungerezi n'abahisi bakahagwa bitewe n'abitwa ba Ninja n'abagenzi bikundira umugoroba wa Nyamirambo. Mode zose ari ugusokoza, ari mu myambarire burya bituruka mu basapfu b'i Nyamirambo. Mu banywi b'ibiyobyabwenge ako karere karabahunitse. Ni nayo mpamvu byaba ku manywa, byaba nijoro Nyamirambo ubusanzwe igendwa n'abayizi, abatayizi ikabatonda. Nabayituye bahora biteguye ko baterwa gitumo, n'ubundi ngo ntawe uterwa yiteguye ariko mu migi ho biteye ukwabyo. Dore ko no muri iyi minsi i Nyamirambo basigaye barara bumva amabuye yisimbiza hejuru ku mabati bashaka abayatera bagaheba. Bamwe ngo ni ibitega. I Nyamirambo kurambya umuturanyi biragoye, niyo bimutse, babihambira nijoro.

Forode, urumogi na ba esikoro (abibisha ibigambo) abatekamutwe, abigira ibimuga, abigira abasazi, abanze gupfa no gukira, abakira ku bufindo, abahomba rikaka, ibizungerezi, indaya nto n'izishaje ntacyo utasanga muri Nyamirambo. Twumve neza Nyamirambo ivugwa, ni akarere k'umugi wa Kigali, Komini Nyarugenge, uhereye aho bita kuri Tezefu muri Segiteri Gitega, ukazamuka iya Bilyogo, Nyakabanda na Segiteri Nyamirambo ukarenga Sitade mpaka kuri Mont Kigali. Iyo umuntu ava mu mugi rwagati agana iyo nzira ubusanzwe akubwira ko agiye i Nyamirambo.

**Tugaruke ku rupfu rwa Mukankusi Ansila.**

Muri iyi nyandiko nabanje kubabwira mu magambo make uko Nyamirambo iteye n'abayituye. Ibi biradufasha kumva neza ibisobanuro twahawe na Liyetena Habimana, Komanda wa Brigade ya Nyamirambo, we ubwe wikoreye anketi kuri ibyo byago.

Mukankusi Ansila yishwe ku by'amaherere na Bahizi Reveliyani. Abantu basigaye babisobanura kwinshi. Mukankusi Ansila yari umubyeyi ukuze, umurezi mu kigo cy'amashuri abanza hafi y'iwe aho bita ku Intwari. Yashakanye na Bwarikera, babyarana abana bazwiho uburere bwiza. Muri abo bana muri iyi anketi havugwamo umwe w'umwangavu witwa Umubyeyi Nikole ngo waba yarabaye intandaro mu byateye Bahizi kwica nyina. Muri iyi anketi havuzwemo n'amatwara Bahizi yari afite mu kwamamaza MDR no kwanga abatutsi. Liyetena Habimana yatubwiye ko ibibi biba muri Nyamirambo ahanini bikorwa n'abahaze kanyanga, urumogi n'ibindi biyobya bwenge. Umunsi Bahizi afata icyemezo cyo guhitana Ansila, yarakubyukiye azenguruka umugi, ariko yibanda muri quartier y'amaduka. Yiriwe ahiga aho yakwiba icyuma cya panyari, aho yashoboye kugifata ku ngufu ni mu iduka SAKAPATEL.

Bakoze uko bashoboye ngo bakimwake, babonye yakibatera, baramureka aragitwara. Komanda wa Brigade ya Nyamirambo yarakinyeretse, nanga kijya gusa n'agakota gato, ari gishya, gifite uburebure bwa cm 30, kandi kiriho amaraso. Bahizi Reveliyani yavuye mu mugi ubwo yasomye ku kimogi anyura kwa Depite Mukasafari Jeannette ahafata icyo kunywa, ahava ubwonko bumaze kuyaga. Aho nibwo ibisazi bye byavumbutse noneho ashoza urubanza ngo abatutsikazi nibabanze bapfundure uduseke twabo, ngo nimwo babitse imbunda n'ibindi bikoresho byo kumara abahutu. Abamubonye bumvaga yashoje urwo rubanza rwa wenyine arwanya abo yitaga Inkotanyi cyane cyane abatutsikazi. Bahizi yavuye kwa Depite Mukasafari ku gicamunsi atavuze aho agiye, cya cyuma yagihishe mu mufuka, nibwo ahuye na Mukankusi Ansila wari uvuye ku kiriyo cya Devota Kayitesi wari witabye Imana, igisazi Bahizi ntiyamurebera izuba, amutera cya cyuma amuturaho. Ntacyo bapfuye nta n'ijambo bavuganye. Abonye amaze gukora ayo marorerwa yitabaje ikibuno ati mpa amaguru ariko biba iby'ubusa ntiyarenga umutaru, ahita afatwa. Afatwa bamusanganye cya gipanyari, afite n'akabendera ka MDR nkuko yari asanzwe akagendana kuva haba ya mitingi ya MDR iherutse guhuruza imbaga kuri Sitade ya Nyamirambo. N'ubundi nta bafana baburamo umusazi, uwo muhotozi yari afite n'agakarita ka MDR n° 11/01/08/72.

Bahizi Reveliyani yavutse muri 1967, ku murenge Mutori, Komini Muyaga Perefegitura Butare. Akazi abarirwamo ni Karani-ngufu. Acumbitse muri Segiteri Nyamirambo muri Perefegitura y'Umugi wa Kigali, nta yandi mikoro agira. Nkuko twabivuze ni umunywi w'ibiyobyabwenge wa kabuhariwe.

Abavuga ngo uriya Mubyeyi yaba yarazize ubwiza bw'umukobwa we witwa Umubyeyi Nikole, Liyetena Habimana ibyo ntabyemeza. Umusore Havugimana Emmanuel, umuhungu w'umucuruzi witwa Bitanage ni inshuti y'uwo mukobwa koko. Ubucuti bwabo ngo bwaba bwaratangiye uriya Nikole yiga mu mwaka wa karindwi w'amashuri abanza dore ko ubu arangije

umwaka wa mbere muri Koleji ya Mutagatifu Andreya. Nkuko anketi yabigaragaje, se w'umukobwa Bwarikera, ukora mu Bitaro, ntiyigeze ashyigikira ubwo bucuti bw'umwana we n'uwo musore ndetse ngo babitonganiye kenshi, birasakuza. Liyetena yamaze kumva iyo nkuru, atumiza Havugimana Emmanuel amubaza ukuntu yaba aziranye na Bahizi asanga atamuzi, Bahizi bamweretse Havugimana ntiyavuga ko yaba amuzi. Bombi nta numwe bashoboye gushinja ko baba barasangiriye abantu cyangwa ko baba bafite aho bahurira. Liyetena ati kugira ngo nemere ko ari umusazi ubwanjye namwijyaniye i Ndera, mugejejeyo bakimubona bambwira ko basanzwe bamuzi, bamuvuye kenshi. Liyetena Habimana ati namushyikirije ibiro bishinzwe Iperereza nabo bemeza ko ari umusazi. Yamunyujije mu ngo z'abantu bazwiho ubushishozi n'ukuri nko kwa Abdalahaman, kwa Habarushaka, kwa Gafuku, kwa Mwitende Placide, aho bose baramuzi, bemeje ko ari umusazi. Natwe tumaze gusobanuza neza twasanze ari MDR ari Havugimana Emmanuel, ari Bwarikera n'umukobwa we Umubyeyi Enikole bose barengana kuko bigaragara ko Mukankusi Ansila yishwe ku bw'amaherere n'umusazi Bahizi Reveliyani wasaranye mu mutwe we gutsemba Abatutsikazi abaziza ubukotanyi.

Uhereye ku rupfu rw'uwo nyakwigendera Ansila, Ibiro byigenga by'Itaramakuru ( Agence de Presse Indépendante ) Gisenyi-Info, batahuye ko abafunzwe ari Ibyitso, bagafungurwa, baba bamereye nabi bene wabo batafunzwe kandi bari basanganywe imigambi imwe. Ngo bamwe baba baratunze abandi agatoki. Umugabo Ntashamaje wo ku Mumena na Bajyagahe Alphonse bafahswe mu Byitso, ngo baba bemeza ko Bwarikera Jean Pierre ariwe wabatunze agatoki. Iki kibazo ngo baba bagisangiye n'abana babo b'abakobwa, uwa Bajyagahe n'uwa Bwarikera bafatanyije n'amacuti yabo y'abasore. Ntibyumvikana kubona Ntashamaje, Bajyagahe n'umugore we batagaragara muri Anketi y'ukwicwa k'uriya mubyeyi kandi aribo baherekeje Ansila mu gihe bavaga muri rwa rugo ahari habayemo ibyago. Dore ko ngo Bahizi we yari yahoze akerakera kuri urwo rugo aho bari bapfushije. Abo bantu uko ari batatu bamenye ko Ansila yishwe ryari, babyifashemo bate? Mbese bari batandukanye bate, bagarukiye he mbere y'iryo tandukana; uretse umwe muri bo waherekeje abamujyanye kwa muganga?

Bwarikera ngo yazanaziza n'umwuga we! Uyu mugabo Gisenyi-Info yasanze yaba anaryozwa no kuba ariwe wasohoye amabanga y'inyerezwa ry'umutungo w'ibitaro bya Kigali kuko akora muri Atelier y'ibyo bitaro, akamenya irengero ry'ibikoresho byose nkuko azi ukuntu inzu ya Directeur w'ibyo bitaro yubatswe i Kinyinya n'andi mabanga. Muri iri rushimura ry'Ibyitso uwitwa Rubayiza [illegible] muri OMS yari akwiye [illegible] kuko Ibyitso byafun[illegible]. Baribaza [illegible] kandi nawe i[illegible]ho. [illegible] abatunze ag[illegible], bityo umwere [illegible] kandi bari mu [illegible] y'[illegible] ku Byitso [illegible]he !

[illegible]

*G/m Kangura*

# KUVUGISHA UKURI KURI RADIYO ABAVANYWE MU BYABO KUBERA IYI NTAMBARA BIKWIYE UBWITONZI

Muzi ko mu mwuga w'itangazamakuru, uvuga n'uwandika burya bafite aho batandukaniye. Baca umugani ngo iryarenze umunwa rirushya ihamagara. Abaromani nabo bivugiraga ko ibyanditswe bisigara nyamara ibyavuzwe bikayoyoka. Twahuye n'ababyeyi bumvise Radio-Rwanda mu gitondo cyo kuwa gatanu tariki 23 Kanama 1991 badusaba kugeza ku munyamakuru wabaganiriye icyo gihe, agahinda n'ubwoba batewe no kumva impunzi zo mu Kinigi n'i Shingiro muri Mukingo yarabahase ibibazo byo kwisobanura ku buzima bwabo bwite kandi yirengagije ko bari mu kangaratete. Utareba ntagereranya ! Nawe mbwira. Ugeze mu kigo cy'impunzi, usanze aho hantu nta mazi nta muriro bafite, nta gakwi nta gakono, nta kenda nta shuri, nta vuriro, mbese batagira epfo na ruguru, ukibanukira ngo Madame ese mubigenza mute na ..... ?

Ibyo ntanuwabishyira no mu rwego rw'urwenya kuko ari agashinyaguro, cyane cyane igihe ibyo bibazo twasanze byarabajijwe n'umukristo uri mu rwego rw'Abasaruzi. Ntazongere kujya gushyenga bariya banyabyago babuze n'aho bapfunda imitwe ngo abisekere ababaza niba ari nta n'uduhuru bajya babona two kwikingamo. Izo ni inyigisho [illegible]unga Katiy[illegible] bemere babab[illegible] akazi kanyu [illegible]obozi muba[illegible] Radio yacu [illegible]

*H.N.*



KA02 1429



# KUKI TWAGIRAMUNGU YAMAMAZWA MU BINYAMAKURU BY'ABATEMERA REVOLISIYO YO MURI 1959?



***Mugabe, agacurama mu mashyaka akeka ko hose rirema nko mu Nkotanyi. Nguwo yiyemeje no kurema mu rya MDR. Nahabona n'urupfusha nzazita.***

Muri iki gihe cy'amashyaka menshi hari abaharanira imyanya ikomeye mu butegetsi kugirango babone uko barya ibya rubanda. Muri uko gushakisha ubutegetsi ku ngufu, Faustin TWAGIRAMUNGU yavuze ko azemera gutanga utwo yibye twose ariko agategeka. Kubona yemera gukora nk'agacurama? Iyo ageze mu barwanashyaka ba MDR arabashuka ngo barakorana, ariko yakwibuka ko MDR ari nta kalachinikove ifite akayoboka ibyitso by'inkotanyi kugirango bimwamamaze mu Inkotanyi. Barwanashyaka ba MDR rero nimwitondere TWAGIRAMUNGU kuko MDR Parimehutu ashaka kuyihindura Parimetutsi.

Iyo umusesenguye neza usanga umutima we wibera mu batutsi, ndetse ahubwo n'uko ari umukwe wa KAYIBANDA umuparimehutu wa mbere naho ubundi ku bwa Faustin we yumva yakwigira muri P.L. KAMEYA se wirirwa amuseka amubeshya ngo aramusingiza siwe ushinzwe kwamamaza P.L. Ese koko azabona umwanya wo gusingiza ba SISI, abone n'igihe cyo guta ku bishuka nka ba TWAGIRAMUNGU?

Niko TWAGIRAMUNGU, uriya Le Tribun du Peuple ugushuka ngo aragushima, n'uyu mwanya wiyibagije ko ushobora kuba uri rimwe muri ya matungo atandatu yari agiye mu nama ya MDR i Nyanza! Ese wiyibagije ko abayoboke ba MDR bose uretse wowe bamagana kiriya kinyamakuru gifite umugambi wo gutatanya abahutu?

Bahutu mwese nimube maso, kubona uriya Mugabe Umuvugizi w'Abatutsi, akomeza kubajijisha koko ngo aha aravugira rubanda? Icyakora iyo werura ukemera ko avugira rubanda rw'abatutsi byari kugira inzira dore ko unabifitiye uburenganzira. Uretse ko iryo ronda koko ntacyo rizakugezaho. Ese ko wari umaze gutuka abayoboke ba MDR bose iyo [illegible] ntutuke n'abantu bose [illegible] ngo ni amasiha. Abo muri MDR na MRND muramenye inyoko [illegible] kubatuka ku marenga aka ba Kayirebwa bazaga [illegible] namwe [illegible] kunze.

Niko "Le Tribun du Peuple" we ko abayoboke b'ariya mashyaka abiri watutse aribo benshi mu Rwanda, rubanda rundi [illegible] ni uruhe?? Ese Le Tribun, [illegible] koko [illegible] inyenzi bunyenzi ariyo [illegible] kuvugira imbwa n'[illegible] !

Niko TWAGIRAMUNGU we, ntabwo [illegible] ko kiriya [illegible] bikwizeza ibitangaza, kubona [illegible] n'aho bikuringaniza na Perezida wa Repubulika utari [illegible] na Perezida wa MDR! Mwashubitse!!! Niba MDR igushaka (uretse ko atari byo) yakwamamaje mu binyamakuru nk'Urumuri rwa Demokarasi, [illegible] ya Demokarasi, Repubulika [illegible] aho kujya kuruta [illegible] biriya binyamakuru by'ibyitso. Uzarebe ko KANGURA itababurira da!!!

*HITIMANA Noheri*



KA02 1430



# KAJEGUHAKWA Valens ngo yaba yarataye umutwe

*Muribuka ko mu bihe bishize inyenzi-nkotanyi zakoze inama i Buruseli mu Bubiligi noneho zikiyemeza guhagarika imirwano tariki ya 6 Kanama 1991 uretse ko zitabyubahirije kuko zongeye gutera tariki ya 5 Kanama 1991 nk'uko twabyumvise ku maradiyo yacu, kandi na nyuma yaho ziracyakomeza.*

*Ubu tumaze kumenya ko ikibazo cyateye kudahagarika imirwano ari ubwumvikane buke bwabaye hagati y'abaturutse mu Rwanda n'abari basanzwe hanze. Abaturutse mu Rwanda barimo Kajeguhakwa, Majyambere, Rwigara n'abandi bagenzi babo, bo ntibashaka ihagarara ry'imirwano kuko kuri bo basanga gusubira mu Rwanda batatsinze nta kuntu barubanamo n'abo bahemukiye bigakubitiraho ko n'umutungo wabo wahashiriye. Bamwe ngo basigaye birirwa bahagaze ku mabaraza y'amangazini. Hari n'abagurishije amavatiri bambukanye. Kubera ko benshi cyangwa bose bari bazi ko mu gihe gito kitageze ku cyumweru bari kuba bagarutse mu byabo, byatumye bacumbika mu mahoteli akomeye. Igihe bateganyije cyararenze none ubu bamwe bacumbitse muri Kazaroho za make.*

*Majyambere ubwe musanzwe muzi ibikabyo bye, ngo yaba yaragiriwe inama yo kudakomeza kuba mu Bubiligi, ejo atazanduranya kuko nawe ari mu batakaje amafaranga menshi. Utwo asigaranye ntitwatuma aba mu Bulayi n'amatwara ye. Bamugiriye inama yo kuba mu Buganda. Kajeguhakwa we ngo yaba yararwaye indwara yo mu mutwe ku buryo ubu yivuriza mu Bwongereza. Mama se uwo mutwe numufatanya n'indwara y'umutima ntazakurikira Bisengimana.*

*NG.I.*

## COMMUNIQUE SOS !

*S.O.S ! Que toutes les Représentations diplomatiques en comprennent l'importance et en acceptent la plus large diffusion de la part des populations aux frontières rwando-ougandaises. Chefs d'Etat et de Gouvernements du monde entier, Responsables et membres des Organisations publiques ou privées et des confessions religieuses de la planète, levez-vous et faites comprendre au BARBARE Joël MUSEVENI de l'Ouganda et ses bandits qui s'attaquent sauvagement aux peuples innocents des deux côtés de la frontière entre le Rwanda et l'Ouganda qu'ils cessent leurs actes stupides. Ils s'infiltrent de nuit dans la population et se mettent à égorger au couteau, femmes, enfants, vieillards ou adultes sur leur passage. C'et atroce ! Ils violent, ils pillent, ils tuent. Ils sont armées par le Président de l'Ouganda, un maquisard de carrière qui se moque de l'humanité moderne et se fait passer pour un professionnel de l'intoxication de la presse internationale.*

*Au secours des populations déplacées par ces razzias, femmes, enfants, vieillards, ces personnes ont besoin de se nourrir, de s'abreuver, d'être soignées et de se reposer. Elles n'ont absolument rien emporté de chez elles avant de fuir ces bandits et sont gravement menacées de toutes sortes de calamités à cause de ces terroristes. S.O.S. ! Contre le fascisme et le machiavélisme du BARBARE Joël MUSEVENI, usurpateur du pouvoir en Uganda, avec ses mercenaires qui sont entrain de faire des ravages au sein des populations civiles innocentes.*

**Gisenyi-Info iramenyesha abasomyi ba Jeune Afrique batuye Goma na Gisenyi ko icyo kinyamakuru kigiye kongera kubageraho bakiguriye ku biro byayo ku Gisenyi.**

# KA02 1431



KA021431

*REPUBLIQUE RWANDAISE*
*MINISTERE DE LA JUSTICE*
*PRISON CENTRALE DE KIGALI*

*Kigali, le 26/08/1991*

**CORRESPONDANCE DU DETENU NGEZE Hassan**
**Prisonnier d'opinion**

*VISA DU DIRECTEUR*

**DE LA PRISON**

**Ku Muyobozi wa ORINFOR B.P. 83 Kigali**

*Ku muyobozi wa ORINFOR; mbandikiye ngirango mbasabe ko service ishinzwe gufata amafoto ya video yazakurikirana urubanza rwanjye rwaciwemo ibice 2, kubera impamvu zikurikira:*

*1° URUBANZA rwanjye, nirwo ruzaba ruburanishijwe bwa nyuma mbere y'uko amategeko agenga itangazamakuru ajya ahagaragara kuko ibyaha ndegwamo byakozwe mbere y'uko ayo mategeko abaho.*

*2° Igice cya mbere cy'urwo rubanza, ndegwamo – amategeko ART 234-391-393-394. CPC II, urwa kabiri nkaregwamo ART 156 CPL II.*

*3° Kubera ko muri urwo rubanza rwanjye hazavugirwamo amagambo igihugu cyacu gikeneye kuzatunga mu mateka yacyo. Nka discours Umukuru w'Igihugu yakunze kuvuga muri iyi ntambara yerekeranye n'ibitero by'Inkotanyi.*

*Nka discours Anastase MAKUZA wayoboraga inteko ishinga amategeko yavugiye i PARIS mu BUFARANSA, atumwe na Leta y'u Rwanda. ku byerekeye ibitero by'Inkotanyi. le 03/03/1964. Iyo discours ikaba iboneka muri KANGURA N° ya 10.*
*Nka discours yavuzwe na KAYIBANDA, iboneka mu Mvaho Spécial N° 11-96-Avril 1964.*

*Ibyo byose bizaboneka mu rubanza rwanjye, muramutse musanze atari ngombwa ko service zanyu zibikora, nk'uko zibikora kū zindi manza, Gisenyi-Information, yiyemeje kurtha Facture yose izakorwa kubera ifatwa rya vidéo kuri urwo rubanza. Kandi ubusanzwe biremewe gukodesha ibyuma bya ORINFOR, gusa ukabimenyesha mbere kuri aderesi natanze.*

*NGEZE Hassan*

*Bimenyeshejwe:*

- *Procureur Général w'urukiko rw'ubujurire i Kigali*
- *Président w'urukiko ruburanisha abahungabanya umutekano wa Leta*
- *Procureur wa Repubulika Parquet ya Kigali*
- *Président w'urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Kigali.*

## MDR IRAPFA IKI N'ABANYAMAKURU?

*M.D.R ni Muvoma iharanira Demokarasi muri Repubulika. Uwayishinze ariwe Perezida Gerigori Kayibanda yari yayihaye intego yo kurenganura rubanda [illegible] icyo gihe yakandamizwaga n'agatsiko k'abantu bamwe bari bamaze ku ngoma imyaka amagana [illegible]. Nibwo "[illegible]" Kayibanda yashinze [illegible] Inyamateka". Mama se M.D.R kugirango yikome abanyamakuru dore ko nawe [illegible] ra demokarasi yikoma M.D.R aho ivugururiwe ejo bundi yaba yarahinduye intego yayo ku buryo [illegible] abanyamakuru! Nyamara abanyamakuru bumvise ko "[illegible]" Eliezer Niyitegeka (wahoze akora kuri Radiyo Rwanda akaba na Depite) ashyizwe muri Comité Directeur ya MDR agatima kajya mu nda. Dore ko yanashinzwe itangazamakuru n'iyamamaza [illegible]. [illegible] abandi abanyamakuru bari bakwiye kugira cyerekeye MDR. Umunyamakuru Eliezer Niyitegeka [illegible] kwibeshya! Eliezer Niyitegeka aracyari wa wundi, wa munyamahane, [illegible] ukuri.*

*Aracyatukana nk'umushumba akeka ko politiki ari [illegible] buke! Arakanga nde se? Rya fungurwa asabira abanyamakuru niwe ahubwo rikwiriye ku buryo [illegible]rwa. Yewe burya koko akabaye icwende ntikoga!*

KA02 1432



KA021432

# MURWISHIGISHIRE MUZARUSOMA !

*Muri iki gihe amashyaka yarahagurutse arahagarara. "mitingi" na "politiki" sinakubwira zirakorwa hirya no hino, ibiganiro n'abanyamakuru byo ntumbaze !*

*Muri iryo shyushyu ryo kugera ku butegetsi vuba na vuba, icyo bitwaza ngo Perezida wa Repubulika yanze inama rukokoma. Umukuru w'Igihugu nyamara bamwumvise nabi cyangwa se babigira nkana. Ntiyanze iyo nama. Tariki ya Mbere Nyakanga, Umukuru w'Igihugu yemeye guhura n'abahagarariye amashyaka, bakarebera hamwe uko iyo nama yaba. Bityo bakanasuzumira hamwe ibibazo igihugu cyacugifite muri iki gihe, ibibazo ahanini byakuruwe n'iyi ntambara. Abahagarariye amashyaka birirwa babeshya abayoboke babo ko Rukokoma izaba igamije gusa guharabika MRND n'ubutegetsi buriho ubu babaryoza ibya rubanda "bibye". Nyamara iyo MRND bayihozemo, ko abenshi ari abahoze ari ba minisitiri n'abategetsi bakuru muri Repubulika ya Kabiri. Muri bo hari n'umwe wabonye bigenda nabi ngo ave ku mirimo ye yeguye ! Ese Nzamurambaho Ferederiko ubu nibwo yabona ko ikibazo cy'inzara kiriho n'imyaka 11 yose yamaze ashinzwe Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi ? Abahirimbana mu mashyaka se hari n'umwe udatunze Benzi, Audi, Jetta n'izindi modoka zihambaye, tutibagiwe amagorofa hirya no hino. Abana babo hari uwicwa n'inzara, bose ntibiga abenshi i Burayi. Baretse kubeshya rubanda ! Umunsi abaturage muri "Rukokoma" bazababaza aho bavanye ibyo byose ntibazarya iminwa. Nyamara uwavuga ay'inzuki ubuki ntibwaribwa !*

# BANYAMAKURU MUREKE GUSEBYA UMWUGA WANYU

***Muri ibi bihe by'iki, ahari kubera izuba ryinshi imitwe yarashyushye. Abantu barashaka gukira batavunitse, buri muntu akoresheje "ibanga" rye. Ruhigo irye, umucamanza irye, umunyamakuru ikaramu ye, bamwe basigaye bitwaza bagakora iterabwoba.***
***Muti bite se ! Umunyamakuru wo muri Nyabarongo aherutse guteka umutwe urapfuba, ariko wari wo umva ko bavuga.***

***Umutekamutwe (escroc) Rutayisire Dewo wo muri Kigarama i Kibungo, agize atya yegereye Théoneste Muberantwari wiyita "Abo". Ati: "Shahu twige umutwe turye inoti". Ubwo bawutekeye umucuruzi witwa Ndahira Ananias bati: "Twatahuye ubukotanyi bwawe"! Bari baramenye ko uwo mucuruzi afite mwene wabo muri Tanzaniya yajyaga ajya gusura. "Abanyamakuru" bawe bati: "Nutaduha ibihumbi ijana (100.000 Frs) turagutangaza bagukacire"! Umucuruzi ati: "Mwantangaza mwagira nzi ko ntari inkotanyi. Cyokora hano mfite make (30.000 Frs) mube muyafashe, muzagaruke ejo mbahe asigaye (70.000 Frs)".***

***Umucuruzi wawe nawe ntacyo wamubeshya. Arakugendeye akoze ku bajandarume, abahishe mu cyumba. "Abanyamakuru" bawe bubahirije isaha (nk'abazungu !) baje gufata inoti zisigaye. Umucuruzi arabakiriye muri "Salon" batazi ko abajede bari mu cyumba. Ati: "Mubanze munsomere iyo Nyandiko (article)". Barayisomye. Abajede barabumva mu cyumba. Barangije umucuruzi abara inoti zari zisigaye (70.000 Frs). Ati: "Munyandikire ka reçu ko muyabonye". Bati: "Ashwi! Ibinti nk'ibi nta reçu". Batari barangiza, abajandarume basohoka mu cyumba. Bati: "Amaboko hejuru!" Babajyana kuri brigade, amafaranga barayasubiza. Byo kwivana mu kimwaro babeshya ko ngo uwo mucuruzi yari yayabahaye ngo bamwamamaze muri Nyabarongo. Nyabarongo, burya koko uri "irrégulier satirique" ntawagushaka ! Barabivuze koko akabaye icwende ntikoga.***

***Uwo Muberantwali Théoneste "Abo" ntawe atariye amafaranga aranabifungirwa kenshi. Rimwe abajandarume baje kumufata aho yigishaga abana mu Rugunga, amaze kubona ko bamugose, yanyuze mu idirishya abana barumirwa ! Bakeka ko mwarimu wabo yasaze.***

KA02 1433



# KWIHANDAGAZA UKAVUGA KO M.R.N.D. NTACYO YATUGEJEJEHO BYABA NKO GUTWIKA INZU UGAHISHA UMWOTSI

Kuri Bwana NGEZE Hassan, Umuyobozi w'Ikinyamakuru KANGURA, ndagushimira cyane kubera umwete n'ubwitange ugira [illegible] ukuri ku bibazo biri mu gihugu cyacu, kandi KANGURA ikaba [illegible] kuzahura M.R.N.D. ivugurura [illegible]. Nkaba nsaba rero ko iyi nyandiko yanjye yakwandikwa mu kinyamakuru cyanyu.

Abayoboke ba M.R.N.D. twababajwe no kumva abantu bamwe bakomeye, kandi bakomejwe na M.R.N.D. basebya iryo shyaka ngo ntacyo ryigeze rikora na busa nkaho ibyo ryakoze twese tutabibona. Nsabye abantanze kubona izuba kuzambwira niba mbere ya 73 igihugu cyari gifite isura nk'iyo tukibonana ubu. Ubwo se M.D.R yari imaze imyaka ingahe iyobora igihugu? Mu kiganiro yagiranye n'umunyamakuru le 5/7/91, uwitwa SHINGIRO MBONYUMUTWA wigeze kuba Minisitiri kuri iyi ngoma ya HABYARIMANA, yarihandagaje avuga ko ngo M.R.N.D. ititaye ku kibazo cy'amoko, ngo none byatuviriyemo intambara. Arongera avuga ko ngo ikibazo cy'inzara n'urugomo ntaho cyagiye, mbese ko ngo bilan ya M.R.N.D. ari négatif.

— Ku kibazo cy'amoko, azatubwire uko byagombaga kugenda kugirango iyo ntambara yoye kuba, dore ko Perezida HABYARIMANA atako atagize ngo yumvikanishe [illegible] bigeza naho yemerera impunzi zose gutahuka. Ibyo ariko, [illegible] ryiza twagejejweho na révolution ya rubanda yo muri 59 [illegible] révolution mvugurura-muco yo muri 73 bavunira ibiti mu matwi, [illegible] intambara nkaho hari icyo izabageza-ho.

— Ku kibazo cy'inzara azadusobanurire uko bagombaga [illegible] kugirango bihinde icyo cyorezo. Yazi ko HABYARIMANA yakoze uko ashoboye atuzanira imishinga iduteza imbere mu buhinzi.

Muri iyi minsi imitwe y'abanyarwanda ishyushye kubera amashyaka menshi, ndabona hari ababyitwaza bashaka kurangaza rubanda, cyakora abatumye bazi uwabagiriye akamaro. Abo bameze nka SHINGIRO tuzaba tureba ibyo bazakora biruta ibyo M.R.N.D. yakoze. Icyo nsaba bagenzi banjye b'abayoboke ba M.R.N.D. ni ukwirinda gusebanya bizeza abaturage ibyo batazabakorera. Ndangije nifuriza Perezida Fondateri wa M.R.N.D. ubuzima burambye no gukomeza kutuyoborana ubwitonzi dusanzwe tumuziho.

*Umukunzi wa KANGURA*
*NGWABIJE Yves Laurent*
*Commune Giciye*
*Secteur Shyira-Gisenyi*

# ITORERO RY'ABABATISITA NTA N'URUTOBOYE RIZONGERA GUHABWA N'ABANYAMAHANGA

Mu Rwanda hari ibikuru bivugwa ngo hari abategetsi bashyizwe kuri liste y'abajura. Ndetse ngo na Banque Mondiale yararahiye ko idashobora guha igihugu amafaranga igihe umwe muri abo bategetsi yaba ari umwe mu basinyiye ko bazakoresha neza izo nguzanyo kandi bakazishyura neza uwo mwenda. Ese mama niba bariya bategetsi ari benshi kandi bakomeye aho u Rwanda ntiruzagendesha cyane.

Iyi ntwaro yo kunyereza yatangiriye muri Leta ngo igiye kuremba amwe mu madini akorera mu Rwanda. Dore nk'abagiraneza bo muri Amerika bararahiye ngo nta n'urutoboye bazongera guha iryo torero igihe abayobozi baryo (Représentant Légal, Secrétaire Général na Directeur du développement) batari basobanura neza ukuntu miliyoni zirenze cumi n'imwe zanyerejwe. Ndetse ngo hari n'umwe mu bayobozi bakuru ba ririya dini batorotse [illegible] wayoboraga [illegible] ku Gisenyi hanyuma [illegible] ma akanyereza [illegible] menshi [illegible] mu pasitoro wo ku Gisenyi [illegible] kiraga abazungu [illegible] hanyuma n'abanyakigali [illegible] abo bazungu. [illegible] puro ebyiri [illegible] mu gihugu kimwe [illegible]. Abo bazungu [illegible] basanga uriya [illegible] yaka ari izo kwikorera [illegible] we atari izo gufasha [illegible] icyuho cya miliyoni zirenze cumi n'imwe uriya mupasitoro [illegible] gusobanura irengero ryayo bahita biyemeza guhagarika imfashanyo bahaga bariya bayobozi b'ababatisita.

*Papias RUBERA*

### AKABAYE ICWENDE NTIKOGA

Umunyamakuru wa KANGURA aherutse guhura na Burugumesitiri wa Komine BUTSINGIRI Alphonse amubaza impamvu atikosora kandi ibinyamakuru n'abamukoresha baramusabye kwikosora kenshi? Uwo Burugumesitiri aramusubiza ati erega akabaye icwende ntikoga! None amakosa namaze gukora muri MDR Parimehutu, MRND yaza nkananirwa kwikosora, uwo urabona muri iyi nkubiri y'amashyaka menshi ariho nabishobora kandi nta n'agashuri nigirira.

# URWENYA RWA PADIRI SUMAYILE DIYONIZI MURI TAXI KIGALI-RUHENGERI-GISENYI

Ni kuwa 28 Kamena 1991, abanyeshuri bamwe ariko benshi barishimye, bishimiye ko babonye impamyabushobozi zabo z'amashuri yisumbuye nanjye ndi umwe muri bo, ubwo dufashe taxi muri Gare Routière i Kigali tugana iwacu dusezeranyeho kuri bagenzi bacu bajya i Butare, i Kigali y'icyaro, i Byumba n'ahandi. Ariko aha nabibutsa ko kuri uwo munsi hari ibigo bitari byakabonye diplome zabyo bitewe ni uko ngo babonye ibizamini aho ni mu bigo bimwe na bimwe by'i Kigali n'i Rwamagana. Twe rero twahise dufata taxi ijya iwacu mu majyaruguru tugeze mu makomini tuzamuka Buranga, umubyeyi twari kumwe aduha urwenya ati: "Padiri yagiye gutanga isakaramentu ryo kwicuza ibyaha muri imwe mu ma Paruwasi agize Diyosezi ya Nyundo. Ni uko uwo munsi hajya kwicuza ibyaha abantu benshi barimo abakobwa batatu. Umukobwa umwe mbese wa mbere ajya kwicuza ageze imbere y'intebe ya Penetensiya akora ikimenyetso cy'umusaraba nk'uko bisanzwe arapfukama maze atangira kubwira Padiri ibyaha bye ati: "Narasambanye ariko ndasaba imbabazi ko ntazongera". Padiri ati: "Ni uko ni byiza wowe ukwiye urufunguzo rw'ijuru". Haza uwa kabiri nawe avuga nk'uwo wa mbere. Maze haza uwa gatatu maze nawe yegera intebe ya Penetensiya abanza akora ikimenyetso cy'umusaraba maze arapfukama abwira Padiri ati: "Narasambanye ariko mbonye uburyo ntacyambuza". Ni uko Padiri abyumvise ati: "akira urufunguzo rw'icyumba cyanjye".

*UWIHANGANYE Enmanuel*
*Secteur Nkotsi*
*Nyakinama-Ruhengeri*
*B.P. 116 Ruhengeri*

# MITINGI YA MDR YABEREYE I GITARAMA TARIKI 25 KANAMA 1991 YANYUZE UKURI IRUHANDE

Umwe mu Badepite bari bahari arihanukira ngo Repubulika ya kabiri ntacyo yakoreye Perefegitura ya Gitarama. Yiyibagiza ko muri Repubulika ya kabiri yabaye Minisitiri imyaka 11 yose, kandi akaba yari ashinzwe Minisiteri ifite ubushobozi bwo guteza imbere amakomini y'iwabo yose. Kubera kutagira icyo amarira bene wabo, bahisemo kumwitirira indi Perefegitura yari yitayeho muri icyo gihe.

Mwiyibagije ko Repubulika ya mbere yamaze imyaka 11 ikabasigira Sitade mu isoko! Ikabasigira kaburimbo y'inombe! None Repubulika ya kabiri ibahaye isoko rya kijyambere. Sitade mpuzamahanga, [illegible] y'u Rwanda [illegible] akaba ahurira i Kigoma. Ngiyo Perefegitura y'igihe tugezemo. Ngizo za projets n'ibindi n'ibindi. Ubwo se abaturage nibo mukeka ko batazi gutandukanya?

Mugiye kubizambya muzana "umukari" wa nyakwigendera Mbonyumutwa muri mitingi ngo mukunde mugwize abayoboke. Muri aka kanya mwibagiwe ko M.D.R. PARMEHUTU yari yarateye Mbonyumutwa mu bataye umurongo, abo M.R.N.D. iziye ikamusubiza icyubahiro cye! Mukaba mwarabonye aho mumushakira. Umuhungu we Shingiro ntiyagabiwe Minisiteri akinanirwa? Bene nyina bandi ubu ntibameze neza mu myanya ikomeye!

Nyamara abahawe imyanya ikomeye bakayitindaho, ntibegure bagategereza gusezererwa, niba koko ibintu byarapfaga babibona, ubu bakaba bitwaza ngo icyo gihe bari mu butegetsi bwa "ndiyo bwana" bahemukiye igihugu. Uweguye ku mirimo ye akabizira ni nde?

*BARANYERETSE Moustapha*

---

+

***Abakunzi ba KANGURA bifatanije n'umuryango wa Ngeze Hassan mu kababaro batewe n'urupfu rw'umwana wabo Ngeze Docteur.***

***Imana imuhe iruhuko ridashira.***

---

**HANZE AHA HARI ABARYI**

Ku itariki ya 21/8/1991 ishyaka rya P.L. ryakoreye inama kwa Lando nimugoroba. Muri iyo nama MUGENZI ngo yashakaga gufata misiyo yo kujya mu Buganda akumvisha inkotanyi ko zigomba guhagarika imirwano ahubwo zikaza muri P.L. dore ko nayo ngo yemewe n'abategetsi. Twaganiriye n'umwe mu bahutu bakorana na P.L. tumubaza impamvu akorana n'ishyaka ritemera ibyiza twazaniwe na revolisiyo yo muri 1959. Uwo muhutu aradusubiza ati erega shahu byose n'amaco y'inda. Icyakora abafite inda nini bagombye kwisubiraho kuko si byiza kugira inda igurisha urwakubyaye.

## Baravuze... Ils ont dit

"Perezida wa Repubulika aramutse yanze rukokoma, ntimuzi koko ibyo mwakora...!"

Twagiramungu Faustin umwe mu bagize Comité Directeur ya MDR abwira abayoboke be.

*NDLR: Ubwo Twagiramungu afite ukundi azabyifatamo!*

KA02 1435



# ABATEGETSI BABI : NTITUZARINDIRE AMATORA !

***Burugumesitiri wa Komini Ntyazo, muri Butare, HARERIMANA Pasikali, akomeje kuyobora abaturage be nk'uyobora inka... agomba gukama !***

***Aho amariye kugabira abakire (bamupfunze ikintu!) igipande cyera cya Komini Ntyazo, ntabwo yibujije no kurya isambu y'umuturage, amuta ku gasozi. Ubu abaturage ba Ntyazo bahanze amaso uko Perezida wa Repubulika azakemura iki kibazo umuturage yamugejejeho. Abaheze muri kasho, abambuwe ibyangombwa,... bo babuze uko bandika.***

***"Ati : mumvuge, ntimuzangore, muntuke,... ntibizambuza kuba Pasikali" ! Bazageza ku matora bakiri ho ?***

NDILITIRO Visenti
Selire Marabago
Segiteri Bugari
Komini Ntyazo
<u>Perefegiture BUTARE</u>

Kigali, le 25/06/1991

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda
<u>K I G A L I</u>

<u>Impamvu</u>: Gusaba kurenganurwa

**Nyakubahwa Perezida wa Repubulika,**

**Nifuje kubandikira iyi baruwa ngirango mbagezeho akarengane n'urugomo bikabije umuryango wacu wagiriwe na Burugumesitiri wa komini yacu Ntyazo, HARERIMANA Pasikari.**

**Nitwa Ndiritiro Visenti, mfite imyaka 30.** Maritini Ncogoza (imyaka 24) ni murumuna wanjye. Mukamurenzi, imyaka 26 ni mushiki wacu. Turi ingaragu. Twambuwe isambu yacu ku ngufu, ihabwa Perfe wa Kibuye Ruhumuriza, none ubu turangara ku musozi!

Byagenze bite? Data Minani Karoli yitabye Imana mu 1973. Mama Nyinawumuntu amukurikira hadashize icyumweru. Kuva ubwo turerwa bupfubyi n'umuturanyi w'umugiraneza RUHUMULIZA Ezekiyeli, ari nawe wakoreraga isambu (ikawa n'urutoki) ababyeyi basize.

Byabaye aho, bukeye Burugumesitiri NZARAMBA Atanazi ashaka kwambura ya sambu uwaturerag, ngo ntakugira isambu ebyiri muri peyizana. Ubwo Nzaramba yagirango ayigabire Umuganga wo kw'ivuriro ry'i Ntyazo witwa Alegisi. Tujyana na Ruhumuliza Ezekiyeri i Nyanza kubivuga, isambu barayishinganga. Kuko bumvaga neza ko itari isambu ya kabiri, ahubwo yari itegereje ko dukura ngo dushobore kuyikorera.

Nyuma haje kuza mubyara wacu, Rwicaninyoni, anjyana kuri komini ngo musinyire, yitwa Data, noneho bayimuhe. Umugore watureze, Lawurensiya Mukandutiye, (muka nyakwigendera Ruhumuriza Ezekiyeri, witabye Imana tumaze kuvana gushinganisha ya sambu i Nyanza!), yangiriye inama yo kubyanga. Maze kubyanga, Burugumesitiri Nzaramba ahitamo kuyigira umurima ntangarugero (champs modèle) ya komini. Tumaze gukura, nkomeza nsiragira, nsaba ko komini yayitwegurira.

Bukeye Nzaramba avaho, asimburwa na muramu we, Harerimana Pasikari. Uko mubajije iby'iyo sambu yacu, akamfunga, ngo: "ntawayimuragije". Naho ubwo ntitukamenye umugambi we! Yawugaragaje muri iyi ntambara, kuko mu kwezi kwa 11 ariho yayigurishije na Perfe wa Kibuye, Ruhumuriza Gasipari. Abapolisi n'umugabo Munyakazi banyweraye amayoga kwa Burugumesitiri numvaga bavuga ko yamuhaye ibihumbi amagana!

Birumvikana, twarasaze tubonye umugabo atangiye gusiza. Turasakuza. Burugumesitiri abibonye atyo, aradutumiza twese, adushyira mu biro ahita atwambura indangamuntu zacu. Ngo tutazabona uko tujya mu bundi butegetsi kubaza! Mbonye ako karengane gakabije, nibwo nihambaga i Butare, nta cya ngombwa. Ndabibatekerereza. Bampa iyo baruwa iri inyuma, ngo nyishyire Su-perefe w'i Nyabisindu asuzume icyo kibazo. Urupapuro bararuntera, namwegera ati ntungere imbere. Manuka nimyiza imoso! Iyo nza no kugera mu rugo ngo ngire amahoro. Reka da! Nta munsi w'ubusa Burugumesitiri atohereje abapolisi mu rugo ngo banjyane. Hehe? Nakosheje iki? Ngo ndasakuza cyane, ngo nzanavaho ndoga n'isambu ya Perefe! Nabibonye gutyo ndanyonyomba, nyura iya Bugesera, nta cya ngombwa, ngo nze kubatura ako kababaro Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda.

Mu gihe ngitegereje uko muzasuzuma ibya kariya karengane gateye ubwoba, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, mbaye mbashimiye. MURAKOZE.

Mw'izina ry'umuryango:NDILITIRO Visenti *Ndilitiro*

# IMPYISI IKURIRA UMWANA IKAGUSUMBYA UBURAKARI

KA021436

Mu Kinyamakuru icyo ari cyo cyose haba harimo inyandiko akenshi zijyanye n'intego zacyo. Muzi ko nka KANGURA yatangiye ifite umurongo ikurikira. Hari n'ibindi binyamakuru byavutse bigamije kurengera inkotanyi. Muri ibyo binyamakuru harimo "Rwanda Rushya" ishaka kugarura ingoma ya gihake mu Rwanda. Kameya, umwanditsi mukuru w'icyo kinyamakuru yarihanukiriye ngo "Hashize imyaka 30 ubugome bwarahawe intebe". Nagiye kureba mu mateka y'u Rwanda nsanga ubugome bw'abatutsi bategetse u Rwanda butagira akagero. Mu mateka yanditswe n'abatutsi abavandimwe ba Kameya, nasanze ku bami makumyabiri, barishe abantu barenga ibihumbi magana inane. Ni ukuvuga ko umwami umwe yishe nibura ibihumbi mirongo ine. Kameya rero ntabwo abanyarwanda bashobora kwemera gutegekwa n'abatutsi baranzwe n'ubwicanyi mbere ya 59.

**Tubendereze maze abe ari twe dutaka**

Muri iki gihe abatutsi bize amayeri yo kwendereza abahutu. Bakwitabara, abatutsi induru bakayiha umunwa ngo barabaziza ko ari abatutsi, impamvu nyayo ntibayihingutse. None se byumvikana bite kubona muri Kangura n° 4 harasohotse amategeko 19 y'abatutsi afite ubukana n'ubugome burenze kure ubw'amategeko 10 y'abahutu yasohotse muri Kangura N° 6 noneho ababifitemo inyungu aho kugira ngo yose bayashyire hamwe bayagereranye, rimwe ku rindi, bagafata ay'abahutu gusa maze igikuba kigacika, amahanga agahaguruka ngo ikinyamakuru Kangura kirigisha ivangura moko. Abatutsi muri iki gihe bameze nka wa muntu ushoza intambara nta ngufu afite. Mu gihe cyo gutangira kurwana agakunja amaboko y'ishati kandi ifite magufi. Muri icyo gihe aba ategereje ko hagira umukiza rutarasakirana ariko agasiga ateye uwo yendereje ubwoba, ndetse kera kabaye, ari umukijije ari n'uwo yashakaga kurwana nawe agasiga abateranije. Muzi ko inkotanyi zashakaga gutera nya abanyarwanda. Ubumwe Habyarimana yadutoje nibwo bwatumye tudasubiranamo. Bityo imigambi y'inkotanyi iba iburiyemo. Ibyo guteranya uwakijijwe n'uwakijije birerekanwa n'ifoto ya Perezida Habyarimana iri ku rupapuro rwa 10 mu "Rwanda Rushya" N° 10. Iyo foto ntaho ihuriye n'inyandiko Kalinda Robert yise "Pourquoi le sacrifice des Bagogwe"?. Ahubwo iyo uroye neza usanga Kameya washyizemo iyo foto ashaka kuyivugisha ku ngufu ngo yemeze ko Perezida yabigizemo uruhare bityo akaba amwangishije abaturage. KAMEYA aribeshya abanyarwanda bakunda Habyarimana.

Iyo umuntu yemeye kwandika aba yemeye kwiyerekana uko ari. Muzi mwese ukuntu ikinyamakuru "Rwanda Rushya" gihakana ko inkotanyi atari abatutsi. Kubera ko nzi ko bandika kandi bagishyigikiye nakomeje gucunga byibura umurongo umwe w'icyo kinyamakuru ubyerekana. Kamurase Martin, umututsi wafungiwe ubukotanyi, akaza kwezwa muri cya gihe bafunguraga ibyitso, niwe wangejejeho ibyo nari ntegereje. Mu nyandiko yise "MDR aho inize iharanga ijosi" aragira ati: "Mu bitabira MDR hari abagifite (nibo bake cyane uko tubyumva) ibitekerezo bishaje ngo byo kurwanya gatutsi bivuye inyuma. Nizeye ko baba bavuga inkotanyi naho ubundi ari ab'imbere mu gihugu kwaba ari ukurwana na Baringa". Iyi nyandiko ya Kamurase "Rwanda Rushya n° 10 page 8" irahamya neza ko u Rwanda rwatewe n'abatutsi kuko nyiri kubyandika afite n'akarusho ko kuba yarafatanywe imbunda. Kameya mu guharabika u Rwanda aravuga ko abagogwe bazize ubwoko bwabo. Nyamara yiyibagije ko bitatu bya kane (3/4) by'abagogwe avuga ko bishwe babonanye na Kajeguhakwa mbere y'intambara. Bumvikana aho bazahurira. Baramanuka bose banyura mu Byahi, bashyikira kwa Munyampirwa Bahenda kuri Goma. Bajya i Bibwe kwitoza, bakomereza muri Uganda. Bafatanya n'izidi nkotanyi, bashirira ku rugamba baturutse iyo. Ibyitso byose byafunguwe kubera imbabazi z'umubyeyi nibireke gukomeza guta amoya mu itanagiro. Ese biriya byitso byejejwe byiyibagije ko byafatanywe ibimenyetso simusiga bigaragaza ko byari bifatanije n'Inkotanyi kandi bikabisinyira? Ese ubwo biriya byitso ntabwo bizi ko ziriya nyandiko zikibitswe?

Ubugome bwa Kameya na Kamurase buruta kure ubwa Kanjogera na Kabare kubona birengagiza ibibazo inkotanyi zadukururiye: ingabo z'u Rwanda zaguye ku rugamba, abaturage bishwe n'Inkotanyi, ubukungu bw'u Rwanda inkotanyi zadindije, Kaminuza y'u Rwanda zahagaritse ahubwo bakarenga bakarutanga barengera inkotanyi! Yewe koko abanyarwanda bavuze ukuri ngo "Impyisi ikurira umwana ikagusumbya uburakari". Icyakora Kameya n'ishyaka P.L. avugira bamenye ko twabavumbuye, kandi ntabwo tuzemera ko bagarura ingoma ya gihake mu Rwanda. Ngo kubera ko abayoboke ba F.P.R. (inkotanyi) bakomeje kuba abagwagasi babuze amajyo, Kameya umuvugizi wa P.L. (ishyaka rirwanya ibyiza twazaniwe na Repubulika) yiyemeje kurenganura abayoboke ba F.P.R. bari mu Rwanda. Yewe abatutsi ntimuheba koko! Murakeka ko icyo inyenyeri 3 ziri mu ibendera rya P.L. zisobanura kizagerwaho? Ese buriya lisiti mpimbano y'abagogwe bapfuye igamije iki mu kinyamakuru cya Kameya na P.L.? Abo bantu bose bavuga ko ari abatutsi. Si inyandiko ngome y'amacakubiri? KANGURA nyir'umutwe munini yaburira abahutu bikaba sakirirego.

*Rubera Papias*

**UBWANDITSI BWA KANGURA**

*NGEZE Hassan*
*NDEKEZI Bonaparte*
*RUBERA Papias*
*NSENGIYUMVA Evariste*
*HITIMANA Noël*
*NYABYENDA Issa*
*HATEGEKIMANA Jean Baptiste*
*KANDEKWE Papias*

KA02 1437



**NGEZE Hassan**

**Umuyobozi wa KANGURA afungiwe kugaragaza ibitekerezo. Ishyirahamwe mpuzamahanga ryita k'uburenganzira bw'ikiremwamuntu riramagana ifungwa rye.**

**L'opinion est un monde sans frontière.**

*Tiré sur les presses de la Printer Set*